

# GAHUNDA YA POLITIKI Y'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI IHUZA ABANYARWANDA (PDC)

**Kigali, 2013**

# ISHAKIRO

**ISHAKIRO** ....... **i**

**0. IJAMBO RY'IBANZE** ....... **- 1 -**

**I. INTANGIRIRO.** ....... **- 2 -**

**II. INTEGO RUSANGE.** ....... **- 3 -**

**III. IBYEREKEYE INGENGABITEKEREZO.** ....... **- 3 -**

**IV. ISESENGURA RY'IBIBAZO N'UKO BYABONERWA UMUTI** ....... **- 5 -**

**1. URWEGO RWA POLITIKI N'UBUTEGETSI** ....... **- 5 -**

**1.1. Ubuyobozi bukuru bw'igihugu** ....... **- 5 -**

1.1.1. Ibishingirwaho ....... - 5 -

1.1.2. Ibibazo n'inzitizi ....... - 6 -

1.1.3. IntegoPDC igamije: ....... - 6 -

1.1.4. Ibigomba gukorwa ....... - 7 -

**1.2. Inzego z'ibanze** ....... **- 7 -**

1.2.1. Ibishingirwaho ....... - 7 -

1.2.2. Ibibazo n'inzitizi ....... - 8 -

1.2.3. Intego ....... - 8 -

1.2.4. Ibigomba gukorwa ....... - 8 -

**1.3. Ubumwe n'ubwiyunge** ....... **- 9 -**

1.3.1. Ibishingirwaho ....... - 9 -

1.3.2. Ibibazo n'inzitizi ....... - 10 -

1.3.3. Intego ....... - 10 -

1.3.4. Ibigomba gukorwa ....... - 10 -

**1.4. Umutekano n'amahoro** ....... **- 11 -**

1.4.1. Ibishingirwaho ....... - 11 -

1.4.2. Ibibazo n'inzitizi ....... - 12 -

1.4.3. Intego - 12 -

1.4.4. Ibigomba gukorwa - 12 -

**1.5. Ububanyi n'amahanga n'ubutwererane - 13 -**

1.5.1. Ibishingirwaho - 13 -

1.5.2. Ibibazo n'inzitizi - 14 -

1.5.3. Intego - 14 -

1.5.4. Ibigomba gukorwa - 15 -

**1.6. Uburenganzira bwa muntu - 16 -**

1.6.1. Ibishingirwaho - 16 -

1.6.2. Ibibazo n'inzitizi - 17 -

1.6.3. Intego - 17 -

1.6.4. Ibigomba gukorwa - 17 -

**1.7. Ubutabera - 18 -**

1.7.1. Ibishingirwaho - 18 -

1.7.2. Ibibazo n'inzitizi - 19 -

1.7.3. Intego - 19 -

1.7.4. Ibigomba gukorwa - 20 -

**1.8. Itangazamakuru - 20 -**

1.8.1. Ibishingirwaho - 20 -

1.8.2. Ibibazo n'inzitizi - 21 -

1.8.3. Intego - 21 -

1.8.4. Ibigomba gukorwa - 22 -

**1.9. Imitwe ya politiki - 22 -**

1.9.1. Ibishingirwaho - 22 -

1.9.2. Ibibazo n'inzitizi - 23 -

1.9.3. Intego - 23 -

1.9.4. Ibigomba gukorwa - 24 -

**2. Urwego rw'ubukungu.** ......................................... **- 24 -**

**2.1. Ubuhinzi** ......................................... **- 24 -**

2.1.1. Ibishingirwaho ......................................... - 24 -

2.1.2. Ibibazo n'inzitizi ......................................... - 24 -

2.1.3. Intego ......................................... - 25 -

2.1.4. Ibigomba kwitabwaho. ......................................... - 25 -

**2.2. Ubworozi** ......................................... **- 26 -**

2.2.1. Ibishingirwaho ......................................... - 26 -

2.2.2. Ibibazo n'inzitizi ......................................... - 26 -

2.2.3. Intego ......................................... - 26 -

2.2.4. Ibigomba kwitabwaho ......................................... - 26 -

**2.3. Umutungo kamere** ......................................... **- 27 -**

2.3.1. Ibishingirwaho ......................................... - 27 -

2.3.2. Ibibazo n'inzitizi ......................................... - 27 -

2.3.3. Intego ......................................... - 27 -

2.3.4. Ibigomba kwitabwaho ......................................... - 28 -

**2.4. Umurimo** ......................................... **- 28 -**

2.4.1. Ibishingirwaho ......................................... - 28 -

2.4.2. Ibibazo n'inzitizi ......................................... - 28 -

2.4.3. Intego ......................................... - 28 -

2.4.4. Ibigomba kwitabwaho ......................................... - 29 -

**2.5. Ubucuruzi, ubuhahirane n'inganda** ......................................... **- 29 -**

2.5.1. Ibishingirwaho ......................................... - 29 -

2.5.2. Ibibazo n'inzitizi ......................................... - 30 -

2.5.3. Intego ......................................... - 30 -

2.5.4. Ibigomba kwitabwaho ......................................... - 30 -

**2.6. Ibikorwaremezo....- 31 -**

2.6.1. Ingufu....- 31 -

2.6.2. Inyubako z' Amazi....- 32 -

2.6.3. Itumanaho....- 33 -

**2.7. Ishoramari n'igenamigambi....- 34 -**

2.7.1. Ibishingirwaho....- 34 -

2.7.2. Ibibazo n'inzitizi....- 34 -

2.7.3. Intego....- 34 -

2.7.4. Ibigomba kwitabwaho....- 34 -

**2.8. Imari y'Igihugu n'umusoro....- 35 -**

2.8.1. Ibishingirwaho....- 35 -

2.8.2. Ibibazo n'inzitizi....- 35 -

2.8.3. Intego....- 36 -

2.8.4. Ibigomba kwitabwaho....- 36 -

**2.9. Ubukerarugendo....- 36 -**

2.9.1. Ibishingirwaho....- 36 -

2.9.2. Ibibazo n'inzitizi....- 36 -

2.9.3. Intego....- 37 -

2.9.4. Ibigomba kwitabwaho....- 37 -

**3. Urwego rw'uburezi, urubyiruko, umuco n'ubushakashatsi.....- 37 -**

**3.1. Uburezi....- 37 -**

3.1.1. Ibishingirwaho....- 37 -

3.1.2. Ibibazo n'inzitizi....- 37 -

3.1.3. Intego....- 38 -

3.1.4. Ibigomba gukorwa....- 38 -

**3.2. Urubyiruko....- 39 -**

3.2.1. Ibishingirwaho....- 39 -

3.2.2. Ibibazo n'inzitizi - 39 -
3.2.3. Intego - 39 -
3.2.4. Ibigomba gukorwa - 39 -
**3.3. Umuco - 40 -**
3.3.1. Ibishingirwaho - 40 -
3.3.2. Ibibazo n'inzitizi - 40 -
3.3.3. Intego - 40 -
3.3.4. Ibigomba gukorwa - 40 -
**3.4 Ubushakashatsi - 40 -**
3.4.1. Ibishingirwaho - 40 -
3.4.2. Ibibazo n'inzitizi - 41 -
3.4.3. Intego - 41 -
3.4.4. Ibigomba gukorwa - 41 -
**4. Urwego rw'imibereho myiza y'abaturage. - 41 -**
**4.1. Umuryango - 41 -**
4.1.1. Ibishingirwaho - 41 -
4.1.2. Ibibazo n'inzitizi - 41 -
4.1.3. Intego - 42 -
4.1.4. Ibigomba gukorwa - 42 -
**4.2. Ubuzima - 43 -**
4.2.1. Ibishingirwaho - 43 -
4.2.2. Ibibazo n'inzitizi - 43 -
4.2.3. Intego - 44 -
4.2.4. Ibigomba gukorwa - 44 -
**4.3. Imiturire - 44 -**
4.3.1. Ibishingirwaho - 44 -
4.3.2. Ibibazo n'inzitizi - 44 -

4.3.3. Intego - 45 -

4.3.4. Ibigomba gukorwa - 45 -

**4.4. Amadini - 45 -**

4.4.1. Ibishingirwaho - 45 -

4.4.2. Ibibazo n'inzitizi - 45 -

4.4.3. Intego - 46 -

4.4.4. Ibigomba gukorwa - 46 -

**4.5. Imibereho yihariye - 46 -**

4.5.1. Ababana n'ubumuga - 46 -

4.5.2. Abageze mu zabukuru - 47 -

**4.6. Amakoperative n'imiryango itari iya Leta - 48 -**

4.6.1. Ibishingirwaho - 48 -

4.6.2. Ibibazo n'inzitizi - 48 -

4.6.3. Intego - 48 -

4.6.4. Ibigomba gukorwa - 48 -

**5. Ibihuriweho n'inzego nyinshi. - 49 -**

**5.1. Uburinganire - 49 -**

5.1.1. Ibishingirwaho - 49 -

5.1.2. Ibibazo n'inzitizi - 49 -

5.1.3. Intego - 49 -

5.1.4. Ibigomba gukorwa - 49 -

**5.2. Ibidukikije - 50 -**

5.2.1. Ibishingirwaho - 50 -

5.2.2. Ibibazo n'inzitizi - 50 -

5.2.3. Intego - 51 -

5.2.4. Ibigomba gukorwa - 51 -

**5.3. Ibyerekeye ICT - 52 -**

5.3.1. Ibishingirwaho ........ - 52 -

5.3.2. Ibibazo n'inzitizi ........ - 53 -

5.3.3. Intego ........ - 53 -

**V. UMWANZURO ........ - 54 -**

# 0. IJAMBO RY'IBANZE.

Banyarwanda ,Banyarwandakazi,

Ishyaka Riharanira Demokarasi Ihuza Abanyarwanda (Parti Democrate CentristePDC)ryishimiye kubagezaho gahunda yaryo ya Politiki y'imyaka itanu (2013-2018). Iyi nyandiko ikubiyemo Gahunda ya Politiki ya PDC igizwe n'imitwe ine y'ingenzi.

Ishyaka PDC rirabanza kubasobanurira intego yaryo muri rusange ,n'ingengabitekerezo yaryo ishingiye ku bumuntu ,bugaragazwa no guha umuntu agaciro kamukwiye muri gahunda zose z'Igihugu.

Ishyaka PDC rikomeza risesengura mu ncamake ibibazo biriho mu nzego zose ,zaba iza Politiki,Ubutegetsi,Ubukungu,Imibereho y'abaturage n'izindi ,rinerekana ibigomba gukorwa kugirango ibyo bibazo bikemuke.

Ishyaka PDC ntiryabura gushimira no kwishimira ibyakozwe kuva muri Nyakanga 1994 ,ari nabyo bishingirwaho ,n'ubwo inzitizi zitabuze.
Ikigamijwe ubu ni uguhera kuri ibyo byashoboye kugerwaho ,ibishimwa bigashimangirwa ,ibitaratunganye bigakosorwa ,ibitarashobotse bigafatirwa ingamba,ari nako hatekerezwa ibikorwa bishya.

Ishyaka PDC ryemera rwose ko umuntu abereye ku isi kugirango arusheho kuyigira nziza yifashishije amaboko ye n'ubwenge bwe,kandi yubahiriza umuco mwiza w'ubufatanye ,ubwubahane,ubworoherane n'ubusabane mu bantu.

Iyi gahunda y'Ishyaka PDC izagerwaho ari uko Ishyaka PDC rigize uruhare rugaragara mu buyobozi bw'Igihugu kandi ibyo bitangwa n'abaturage,ari nayo mpamvu Ishyaka PDC risaba Abanyarwanda bose kuyishyigikira.

Perezida w 'Ishyaka PDC
MUKABARANGA Agnès

***Ubuvandimwe - Umurimo - Ubutabera***

# I.INTANGIRIRO.

Ubusanzwe ,Umutwe wa Politiki urangwa n'umurongo wa Politiki uboneye, ushingiye ku ngengabitekerezo inoze kandi yumvikana neza .Intego ya mbere y'Umutwe wa politiki igomba kuba iyo gufasha Igihugu kugira imiyoborere myiza ,amajyambere arambye n'imibereho myiza ku bagituye .Niyo mpamvu Umutwe wa politiki ushaka kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu ,ugomba gutegura gahunda y'ibikorwa ,ukayisobanurira abaturage,ukabasaba kuyishyigikira ,kugirango nutsinda ihiganywa bazafatanye kuyishyira mu ngiro.

Ni muri urwo rwego Ishyaka PDC ryishimiye gutangariza Abanyarwanda gahunda yaryo ya politiki ryerekana uko ryifuza ko u Rwanda rwazaba ruteye mu myaka iri imbere.

Kuva kera ,u Rwanda rwaranzwe n'ibibazo bitari bike mu mitegekere ,mu bukungu ,mu mibereho y'abaturage ,n'ibindi.Ubutegetsi bw'u Rwanda uko bwagiye busimburana bufite ibyo bwanenzwe mu bihe n'uburemere binyuranye ,nko kudakorera mu mucyo ,amacakubiri,no kutita bihagije ku nyungu z'abayoborwa ,n'ibindi .Ubukungu bw'Igihugu ntibwateye intambwe ishimishije haba mu buhinzi ,mu bworozi ,mu bucuruzi,mu nganda n'ahandi .Imibereho y'abaturage muri rusange yakunze kurangwa n'ubusumbane bukabije ndetse n'ubwikanyize bwabamwe.

Iyo sura y'uRwanda yaje guhuhurwa na jenoside yo muri 1994 n'ingaruka zayo.Bwa butegetsi twagayagaya,nta n'ubwari bukiriho.Bwa bukungu budafatika noneho bwari inyuma y'ubutindi.Imibereho myiza y'abaturage yo ntawari kwirirwa ayivuga mu gihugu kimaze gupfusha abantu barenga miliyoni ,abandi barimo kwangara ,Igihugu cyarabaye amatongo,aho siho wari kubariza amashuri,amavuriro n'ibindi.

Kuva Leta y'Ubumwe yajyaho muri Nyakanga 1994 ,kuziba icyo cyuho ntibyari byoroshye kuko ibyagombaga gusanwa byari byinshi.Icyihutirwaga kwari ugutanga ihumure ku banyarwanda bose ,gushyiraho inzego z'ubutegetsi ,gushimangira umutekano ,ubumwe n'ubwiyunge ,gutahura impunzi no gusubiza abaturage bose mu buzima busanzwe .Abanyarwanda muri rusange n'Imitwe ya politiki ku buryo bw'umwihariko,bakoreye hamwe kugira ngo ubuzima bw'Igihugu buzanzamuke .Gahunda nyinshi zaganiweho ,kandi zishyirwa mu bikorwa mu bwumvikane.

Ibyo byiza bikwiriye gukomerezwaho ,ariko ntibibuze Umutwe wa politiki kugira umwimerere wawo mu mikorere,mu mitekerereze no kuba wagaragaza akarusho mu kurangiza inshingano zawo zigateganywa mu mahame ya demokarasi arizo:

-Kugira uruhare mu kwigisha abaturage uburenganzira bwabo n'ibyo bagomba gukorera Iguhugu cyabo kugirango kirusheho kwiteza imbere,

-Kugeza ku baturage za gahunda z'ibikorwa bitsura amajyambere,

-Gutegura abaturage kugira ngo babe beza kandi bazavemo abayobozi beza ,bakunda Igihugu kandi bashobora no kukitangira,

-Kujya impaka zubaka hatangwa umusanzu w'ibitekerezo bisubiza ibibazo biba bihangayikishije Igihugu.

-Kunganira Leta kugirango Igihugu kirusheho kugera ku majyambere arambye ,

-Kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.

## II. INTEGO RUSANGE.

Intego rusange y'Ishyaka PDC ni ugutunganya u Rwanda rubereye abarutuye, rurangwa n'ibi bikurikira :

1. Imitegekere ituma buri wese agira uruhare mu kwishyiriraho ubuyobozi, no gukurikirana imikorere yabwo, kandi akumva ndetse akabona ari we bukorera;
2. Ubutabera nyakuri burenganura abaturage bose kandi bwubahiriza amategeko kuri bose n'uburenganzira n'ubwisanzure bwa buri wese;
3. Ubukungu buri wese agiramo uruhare, haba mu kubwongera, ndetse no mu kubusaranganya.
4. Imibereho y'abaturage irangwa no kugira ibikenerwa by'ifatizo bijyanye n'igihe;
5. Ubumuntu mu nzego zose z'ubuzima bw'Igihugu.

## III. IBYEREKEYE INGENGABITEKEREZO.

PDC ni Ishyaka riharanira Demokarasi ishingiye ku bumuntu, burangwa no guha umuntu agaciro kamukwiye, bunamusaba kugira uruhare mu gutunganya isi no gutsura imibereho myiza n'ubusabane mu bayituye. Ubwo bumuntu bushingiye ahanini ku migenzo myiza y'imbonezabupfura no mu myifatire y'umuntu wese ukwiye iryo zina , ituma atandukana n'ibikoko cyangwa ibindi bintu bitagira ubwenge n'umutima.

Ishyaka PDC ryemera amahame remezo akurikira:

1. Umuntu abereye ku isi kugira ngo ayihindure nziza. Bityo , Igihugu kigomba mbere na mbere gutezwa imbere n'ubwitange bwa benecyo;
2. Demokarasi ishingiye ku bumuntu ni nzira nyakuri yo kurengera inyungu za rubanda binyuze mu migenzo myiza cyane cyane urukundo, ubuvandimwe, ukuri, kwihanganirana, ubutabera, gukunda umurimo, gusangira byose no kubaha indi migenzereze ihesha umuntu agaciro;
3. Ubumwe bw'abenegihugu ni inkingi y'amajyambere arambye y'Igihugu;
4. Iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu ni ishingiro ry'imiyoborere myiza n'Igihugu kigendera ku mategeko;
5. Demokarasi igomba kandi gushingira ku bitekerezo by'abaturage n'uruhare rwabo mu miyoborere myiza y'Igihugu;
6. Kugendera ku bitekerezo bya politiki binyuranye bituma habaho ubwisanzure busesuye mu gutanga umusanzu wo guteza imbere Igihugu kandi ntibigomba kuba intandaro y'ubushyamirane bw'abenegihugu.

Kugira ngo Ishyaka PDC ribashe kubahiriza ayo mahame, ryiyemeje intego zikurikira:

1. Guhagurukiriza abanyarwanda umurimo no kurwanya ubudahwema ubukene, ubujiji n'ubwironde mu banyarwanda ;
2. Gushyira imbere ubupfura mbere yo kurangamira ubukire bw'umutungo;
3. Kubahiriza uburenganzira bwa buri muntu;
4. Guharanira no kwigisha amahoro, ubumwe, ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati y'abatuye Igihugu, Akarere n'Isi yose;
5. Guteza imbere ubuvandimwe mu bayoboke baryo by'umwihariko , no mu banyarwanda bose muri rusange;
6. Guhuza abanyarwanda mu bitekerezo no mu mikorere bishimangira ubumwe bwabo;
7. Gutoza abanyarwanda kujya impaka zubaka kugirango bagire uruhare rugaragara mu buzima bw'Igihugu.

Mu buryo Ishyaka PDC rikoresha kugira ngo rigere kuri izo ntego harimo: kujya inama no kwihigura , gutangaza inyandiko, kwifashisha itangazamakuru n'itumanaho, isobanura rihozaho, guhuza no kunga abafitanye ibibazo.

# IV. ISESENGURA RY'IBIBAZO N'UKO BYABONERWA UMUTI.

## 1. URWEGO RWA POLITIKI N'UBUTEGETSI

### 1.1. Ubuyobozi bukuru bw'igihugu

#### 1.1.1. Ibishingirwaho

U Rwanda kuva rwaba u Rwanda, rwayobowe n'ubutegetsi bushingiye ku bwami.

Guhera aho abakoloni bigabanije Afurika, rwayobowe n'ubuyobozi buhuriweho n'ubwami n'abakoloni; biza gusimburwa guhera 1961 n'ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika, aribwo buriho kugeza aya magingo. Ivangura, kutihanganira abatavuga rumwe n'ubutegetsi, kudashyira imbere inyungu n'iterambere bya bose no gusimburana ku buyobozi bukuru binyuze mu bitambo n'imivu y'amaraso aho gushingira kuri demokarasi, byakunze kuranga ubwo buyobozi, kugeza muri 1994.

Guhera muri Nyakanga 1994, ubuyobozi bukuru bw'u Rwanda bugizwe n'izi nzego zikurikira:

- Ubutegetsi Nyubahirizategeko buhuriweho na Perezida wa Repubulika na Guverinoma ikuriwe na Minisitire w'Intebe;
- Ubutegetsi Nshingamategeko bugizwe n'intumwa za rubanda zikomoka mu mitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, abahagarariye inzego z'abagore, n'inzego z'urubyiruko ndetse n'iz'abafite ubumuga
- Ubutegetsi bw'ubucamanza bugizwe n'inkiko zikuriwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Izo nzego zagiyeho hakurikijwe ibyari biteganijwe mu masezerano y'amahoro ya ARUSHA yo ku itariki ya 04/08/1993, Itegeko Nshinga ryo muri 1991, Itangazo rya FPR ryerekeye ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho ryo ku wa 17/07/1994 n'amasezerano hagati y'imitwe ya politiki: FPR, MDR, PSD, PL, PDC, PDI, PSR, na UDPR yo ku wa 24/11/1994.

Mu gusohoka mu nzibacyuho mu mwaka wa 2003 hatowe Itegeko Nshinga rishya, hatorwa Perezida wa Repubulika n'abagize inteko ishinga amategeko Imitwe yombi (Sena n'Umutwe w'abadepite).

Mu Rwanda hatangiye gahunda yo kwegereza ubutegetsi abaturage (décentralisation).

Demokarasi imaze gutera intambwe ishimishije ,kandi n'imiyoborere myiza yarimakajwe mu Rwanda.

**1.1.2. Ibibazo n'inzitizi**

N'ubwo hari intambwe yatewe, amahame ya demokarasi no gukorera mu mucyo ntaracengera neza mu baturage.

Ku byerekeye abagize inteko ishinga amategeko, nta karere kazwi baba bahagarariye (constituancy).

Ibisabwa abakandida bigenga bashaka kwiyamamariza kujya mu nteko ishinga amategeko birimo amananiza bikabangamira abiyamamaza.

Ihame rya Gender rya 30% ntiriragera ku rwego rushimishije ku malisiti y'amatora. Kuko ridaherekejwe na systeme ya parité hagati y'abagabo n'abagore.

Gukurikirana ibikorwa bya Guvernoma ntibyibanda bihagije ku bibabazo bikuru by'igihugu

Mbere y'umwaka w'1994 abaturage ntibagiraga uruhare rusesuye mu kwishyiriraho ababahagarariye mu nzego z'ubutegetsi nyubahirizategeko n'urwego nshingamategeko, n'ubwo byumvikana urebye ibihe u Rwanda rwari rukirimo;

- Nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi byaragaragaye ko n'ubwo ababishinzwe bagerageje kubyitwararika, inzego zimwe na zimwe zashyizwemo abantu batarangwa n'ubunyamugayo, ubushobozi no gukunda Igihugu; ibyo byagiye byigaragaza bakiri muri iyo mirimo, ariko cyane cyane bamaze kuyivaho;
- Zimwe mu nzego z'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu (Gouvernement central) ziracyagumanye bimwe mu byakweguriwe ubuyobozi bw'inzego z'ibanze (services techniques compétents);
- Agaciro n'ubwisanzure bw'urwego rw'ubucamanza byagiye bibangamirwa na bamwe mu bayobozi ku giti cyabo bigaragarira mu byemezo by'inkiko bitubahirizwa n'inzego zibishinzwe, no gukorera ku gitsure ndetse na ruswa;
- Abanyarwanda ntibaramenyera umuco wo gukurikirana imikorere n'imyitwarire y'abari mu nzego z'ubuyobozi bwabo, no gusobanuza ngo bamenye ibyagezweho, n'impamvu ibyari biteganijwe bitagezweho;
-Inzego za Leta zikoresha inama nyinshi, ariko imyanzuro ivuyemo ntikurikiranwa bihagije.
-Itegeko Nshinga rivugururwa hafi buri mwaka bigatuma mu buyobozi habamoimihindagurikire myinshi abaturage batagizemo uruhare.

**1.1.3. IntegoPDC igamije:**

- Gushyira imbere imiyoborere y'Igihugu ifite icyerekezo cyumvikanweho; ishingiye ku bushake no ku ruhare rw'abaturage mu birebana no gushyiraho abayobozi, gukurikirana imikorere yabo, kumenyeshwa, ndetse no kugira icyo bavuga ku musaruro ubwo buyobozi bwagezeho mu birebana n'inshingano zabwo;

- Gushimangira ubwisanzure, ubwuzuzanye n'ubugenzurane by'inzego nkuru z'Igihugu zikarangwa no kubaha amahame ya demokarasi, kugendera ku Itegeko Nshinga n'andi mategeko, zikorera buri wese ibyo yemerewe mu Gihugu nta vangura.

**1.1.4. Ibigomba gukorwa**

- Guha agaciro binyuze mu mategeko, uruhare rw'abaturage mu gushyiraho, gukurikirana no gusuzuma imikorere y'abayobozi b'Igihugu n'ababahagararira mu nzego nkuru zinyuranye;
- Kubahiriza ihame ryo gusaranganya ubuyobozi ku nzego zose mu bagize umuryango nyarwanda, no gushingira ku bushobozi n'ubudakemwa mu mico no mu myifatire byagaragajwe bikanashimwa na benshi, ndetse n'abo mudahuje imyumvire mu bya politiki;
- Guha abaturage ubushobozi bwo gutegura, gukurikirana, guhuza no gusuzuma gahunda ndetse n'umusaruro w'ibikorwa by'iterambere mu Gihugu;
- Kwihutisha icyiciro cya 3 cya politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi mu birebana by'umwihariko n'imari, ibikoresho n'abakozi bashoboye;
- Guha ubushobozi n'ububasha urwego rw'ubucamanza no kuruvugurura kugira ngo rubashe kugera ku nshingano zarwo mu bihe biriho no mu bihe bizaza;
- Gukangurira abaturage kurwanya imiyoborere ishingiye cyangwa irangwa n'ibi bikurikira: ivangura, itonesha, icyenewabo, igitugu, ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu, gusuzugura no kwica Itegeko Nshinga n'andi mategeko yemewe mu Gihugu, guhumanya isura y'u Rwanda no gutambamira inyungu zarwo n'umubano warwo n'amahanga;
- Guhugura no gukangurira abayobozi b'ingeri zose amahame y'ubuyobozi buboneye kandi bushingiye ku mahame ya Demokarasi ;
- Kuvugurura imikorere n'imiterere y'ubuyobozi bw'Intara hakurikijwe icyiciro 3 cya politiki yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi hagashyirwa imbere kunoza igenamigambi, ihuzabikorwa, isuzumabikorwa by'ibikorerwa mu Turere n'Imijyi bikozwe na za serivisi nke za ngombwa, izindi zikegurirwa utwo Turere n'Imijyi mu rwego rwo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi no kubafasha kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere;
- Gushyiraho urwego rukurikirana kandi rukagenzura ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iva mu nama zikoreshwa n'inzego zinyuranye (Umushyikirano,Umwiherero w'abayobozi...)

## 1.2. Inzego z'ibanze

**1.2.1. Ibishingirwaho**

Hatekerejwe politiki yo kwegereza ubutegetsi abaturage kandi yatangiye gushyirwa mu bikorwa.

Inzego z'ibanze ni izi:

- Akarere;
- Umurenge;
- Akagari;
- Umudugudu

Ubuyobozi bw'Akarere bugizwe n'Inama Njyanama y'Akarere cyangwa Umujyi, Komite Nyobozi y'Akarere cyangwa Umujyi, Komite ishinzwe gutsura amajyambere, Umunyamabanga nshingwabikorwa , Abakuru b'imirimo.

Ubuyobozi bw'Umurenge bugizwe n'Inama Njyanama y'Umurenge n'Abakuru b'Imirimo mu ikipe y'abakozi b'Umurenge.

Ubuyobozi bw'Akagari bugizwe n'Inama Njyanama y'Akagari n'Abakuru b'Imirimo mu ikipe y'abakozi b'Akagari.

Ubuyobozi bw'Umudugudu bugizwe na Komite Nyobozi n'Inama Njyanama y'Umudugudu.

**1.2.2. Ibibazo n'inzitizi**

- Abayobozi bamwe bo muri izo nzego ntibaremera guhindura imikorere;
- Ubushobozi buke mu gutegura no gushyira mu bikorwa imishinga y'amajyambere;
- Ubuyobozi bw'imirenge ntiburahabwa ibyangombwa bikenerwa mu gukemura ibibazo by'abaturage;
- Ibikorwa by'iterambere bidasaranganywa neza mu Turere no mu Mijyi bigatuma hari Uturere dutindahara kurusha utundi;
- Abayobozi b'Akagari badafite ubushobozi buhagije , bigatuma batuzuza inshingano zabo, bamwe bakaba bagira irari rya ruswa ndetse no kutitangira umurimo.

**1.2.3. Intego**

Ishyaka PDC rigamije gutuma inzego z'ibanze ziba urubuga rw'abaturage, bagiramo uruhare mu gutanga ibitekerezo ,mu gufata ibyemezo bigamije imibereho myiza yabo, n'imicungire iboneye y'umutungo, mu gushyiraho no gukurikirana abababahagarariye muri izo nzego z'ibanze, bityo zikaba ishingiro n'umusemburo w'iterambere rishingiye kuri demokarasi.

**1.2.4. Ibigomba gukorwa**

- Gushyiraho gahunda y'amahugurwa n'ibiganiro bikangurira abaturage demokarasi n'uburyo bwo kwiteza imbere mu mibereho yabo;

- Kwihutisha politiki yo kwegurira ubushobozi ubuyobozi bw'inzego z'ibanze mu by'abakozi, imari n'ibikoresho mu cyiciro cya gatatu cya decentralisation;
- Gukomeza gushyiraho abakozi bashoboye mu Karere, mu Mirenge no ku Tugari binyuze mu ipiganwa;
- Guhuza ibikorwa by'abaterankunga n'indi miryango itegamiye kuri Leta, bishingiye ku gutanga amahirwe angana ku iterambere ry'Uturere n'Imijyi;
- Gusuzuma kenshi imikorere y'inzego z'ibanze.

## 1.3. Ubumwe n'ubwiyunge

### 1.3.1. Ibishingirwaho

Ubumwe bw'abanyarwanda bwagiye buhungabana kuva kera kubera impamvu zinyuranye:

- Amacakubiri ashingiye kuri politiki yo gutonesha cyangwa guheza igice kimwe cy'abanyarwanda, by'umwihariko mu butegetsi, mu mashuri, mu kazi n'ibindi;
- Imyigishirize igoretse y'amateka y'u Rwanda;
- Ubutegetsi bwa nyuma y'ubukoloni bwashyigikiye politiki y'ivangura ishingiye cyane cyane ku moko n'uturere.

Izo mpamvu zabaye intandaro y'ubwicanyi, ubuhunzi, ubusahuzi, n'ibindi bibi byinshi, indunduro iba Jenoside yo muri 1994, yashegeshe ubumwe n'ubusabane bw'umuryango nyarwanda.

Nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi, umuryango nyarwanda wagerageje kwisana buhoro buhoro biturutse kuri gahunda na politiki bya Leta.

Muri uru rwego: Leta yashyizeho inzego zigamije gushimangira ubumwe n'ubwiyunge no gufasha abashegeshwe n'intambara na Jenoside yakorewe abatutsi;

Hashyizweho Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Ikigega kigamije gufasha abacitse ku icumu batishoboye n'ibindi;

Mu ndangamuntu havanywemo ubwoko bwari bukunze kugenderwaho mu kuvangura no guhungabanya ubumwe bw'abanyarwanda;

Hanagiyeho gahunda yo kuzahura ubutabera bushingiye ku muco nyarwanda, ari bwo INKIKO GACACA zigamije guhana abagize uruhare muri jenoside, ariko no kongera kugarura ubumwe bw'abanyarwanda. Ubu izo Nkiko zashoje imirimo yazo;

Habaye kandi igikorwa cyo kuvanga ingabo zahoze zihanganye (Ex-FAR na APR);

Inyigisho zitangwa mu ngando no mu bindi biganiro binyuranye zikangurira abanyarwanda ubumwe n'ubusabane bwabo

Impunzi nyinshi zaratahutse zaba iza mbere cyangwa nyuma ya 1994 kandi nan'ubu birakomeza;

Gutanga akazi no gutanga imyanya mu mashuri byaranogejwe.

-Imvugo n'imigirire biganisha ku ivangura no guhembera ibitandukanya abagize umuryango nyarwanda biragenda bicika burundu.

### 1.3.2. Ibibazo n'inzitizi

N'ubwo gushyikirana bigenda bigerwaho hagati y'abagize umuryango nyarwanda, ukwishishanya no gusuzugurana ntibiracika burundu kuri bamwe

Hari imfubyi nyinshi n'abapfakazi batarabona ibyangombwa bibafasha mu mibereho yabo.

Abashobora gutanga ubuhamya kuri Jenoside yakorewe abatutsi bahora batinya kuvuga ukuri ko byatuma umutekano wabo uhungabana; abandi bahitamo kwinumira n'iyo ntacyo bikanga.

Ubukene bukabije mu miryango myinshi y'abanyarwanda bubangamira ubusabane n'imibanire hagati yabo, bushobora kuba intandaro y'amacakubiri.

Nubwo inkiko gacaca zaciye umubare munini w'imanza hari byinshi byo gukora mu rwego rw'indishyi n'abanyururu batari bake batinda kuburana bika bigaragara ko bakomeje ku renganira mu munyururu.

### 1.3.3. Intego

Ishyaka PDC rigamije gutuma abenegihugu bagira ubumwe bushingiye ku bwubahane, ku bworoherane, ku kureshya mu gaciro no mu burenganzira bishingiye ku bumuntu.

### 1.3.4. Ibigomba gukorwa

Gushyigikira ibikorwa by'ubusabane n'ibyo kwiteza imbere bihuriweho n'abanyarwanda b'ingeri zose;

Gushyiraho gahunda zikangurira ubutitsa abenegihugu indangagaciro zerekeye:

- Kubahiriza agaciro n'uburenganzira bya buri muntu,
- Gushyigikira ubuvandimwe, ubworoherane, ubwuzuzanye n'ubwizerane mu banyarwanda,
- Kugaya, guhana no kwirinda ubugizi bwa nabi;
- Kwimakaza umuco wo gutabarana no gukunda Igihugu.

Guca intege imvugo n'imigirire, inyandiko biganisha ku ivangura, itonesha, ikumira, ikimenyane, bishingiye ku moko, ku rurimi, ku gihugu umuntu yabayemo, ku bitekerezo bya politiki, ku madini, ku mibereho yihariye, ku mutungo n'ibindi, hafatwa ibihano by'intangarugero bigenwa n'itegeko;

Guca umuco wo gufata nk'umwanzi cyangwa wo kutihanganira uwo mudahuje ibitekerezo, mutavuga rumwe mu bya politiki, ahubwo hagashimangirwa umuco wo gukora ibiganirompaka ku ngamba ziboneye mu miyoborere myiza y'Igihugu, ubukungu n'imibereho myiza;

Gushyiraho urwego rukurikirana uburyo inzego za Leta n'izo abikorera ku giti cyabo , imiryango itegamiye kuri Leta yaba ikorera mu Rwanda cyangwa impuzamahanga, imishinga ya Leta yubahiriza ihame ryo kudakumira no kurwanya ivangura iryo aririyo ryose (Observatoire National Anti- discrimanation);

Gusobanurira abaturage amategeko arwanya ivangura n'amacakubiri n'iby'uburenganzira bwa muntu.

## 1.4. Umutekano n'amahoro

### 1.4.1. Ibishingirwaho

Imiyoborere mibi yaranze u Rwanda igihe kirekire niyo yabaye isoko y'amacakubiri, , intambara, ubuhunzi, jenoside, ibikorwa by'ubwicanyi, ukwibasira imitungo y'abandi, ubukene bukabije n'ubujiji. Umurage w'ibyo bibazo uracyafite ingaruka ku mutekano w'Igihugu.

U Rwanda rwanyuze mu bihe by'imidugararo itewe n'intambara, Jenoside yakorewe abatutsi, ibikorwa by'ubucengezi, urwikekwe, ibikorwa byo kwihorera byagaragaye hamwe na hamwe mu gihugu, ubugizi bwa nabi, ubukene bukabije n'ibindi.

Kuva muri Nyakanga 1994, habaye igikorwa gikomeye cyo kugarura umutekeno no guhumuriza abanyarwanda.

Leta yacu yitaye ku gikorwa cy'umutekano mu gihugu, inashyiraho amategeko agenga imitunganyirize y'izo nzego (amategeko ashyiraho ingabo na polisi); havuguruwe inzego z'iperereza (NSS). Havutse kandi ibigo by'abikorera birinda umutekano w'ababyiyambaje.

Leta yashyizeho urwego rubungabunga umutekano w'abaturage ku nzego z'imirenge n'Utugari, arirwo Local Defense narwo rwavuguruwe ku buryo buboneye ruba inkeragutabararugizwe n'abasore n'inkumi batoranywa mu baturage hashingiwe ku myifatire yabo.

Abaturage bashishikarizwa kugira uruhare mu kubungabunga umutekano wabo (gukora amarondo, gutanga amakuru ku muntu ushobora guhungabanya umutekano).

Umutekano muke mu bihugu bikikije u Rwanda uhembera icicikana n'ubucuruzi bw'intwaro mu buryo butagenzurwa bihangayikishije umutekano ku mipaka , ariko ingabo z'u Rwanda zihora zishishikariye akazi.

Imiryango inyuranye yihaye intego yo kwigisha amahoro: Profemmes Twese Hamwe, AMANI na IRDP n'indi...

**1.4.2. Ibibazo n'inzitizi**

Hari abanyarwanda bakiri mu mahanga bagitsimbaraye ku ngengabitekerezo ya jenoside no guhungabanya umutekeno n'amahoro by'u Rwanda (ex-FAR, interahamwe,FDLR zimwe mu mpunzi za politiki ku giti cyazo cyangwa zibumbiye mu mashyirahamwe ya politiki );

imitwe ya politiki ivukira hanze,ibinyamakuru bitagira ingano bikora akazi ko gaharabika isura y'u Rwanda.

Inzego zishinzwe iperereza zikeneye kongererwa ubushobozi bwo gutara no gusesengura amakuru ya ngombwa afitiye igihugu akamaro, ndetse n'ayashobora guhungabanya umutekano w'igihugu n'abagituye;

Gahunda yo gusubiza ingabo mu buzima busanzwe ikeneye kongererwa ubushobozi mu rwego rwo gukumira ingaruka zabyo ku mutekano mu cyaro no mu mijyi;

Imiyoborere mibi mu bihugu biri mu karere k'ibiyaga bigari nayo yabaye intandaro z'umutekano muke mu karere kose.

**1.4.3. Intego**

Ishyaka PDC rishyize imbere ko ubusugire bw'Igihugu bwaba indahubangana, kandi ko buri munyarwanda yabaho mu mudendezo uhagije n'umutungo we ukarindwa.

**1.4.4. Ibigomba gukorwa**

Gushyigikira ubuyobozi bushingiye ku mahame y'imiyoborere myiza ya demokarasi, n'ay'uburenganzira bwa muntu, kuko aribyo bitanga icyizere cy'umutekano n'iterambere bihamye kandi bidahungabana;

Gutoza abaturarwanda na polisi gukorana bigamije inyungu rusange;

Gushyiraho inzego zihariye za polisi (unités spécialisées ) no kuziha ubushobozi buhagije;

Gushyiraho no gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame ndangamyitwarire ku nzego z'iperereza hazirikanwa ihame ryo kurinda ubwisanzure no kubaha ubuzima bwite bwa muntu;

Gushyigikira gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye mu ngabo z'igihugu

Gukurikirana ku buryo bwihariye abasezerewe mu ngabo,kimwe n'abashomeri badafite akazi cyane cyane abarangije kaminuza.

Gutoza abanyarwanda gukunda igihugu cyabo bima amatwi abashaka kubakururamo amacakubiri.

## 1.5. Ububanyi n'amahanga n'ubutwererane

### 1.5.1. Ibishingirwaho

***a) Ububanyi n'amahanga***

Ububanyi n'amahanga bukorwa cyane cyane na Perezidansi ya Repubulika, Inteko Ishinga amategeko na Guverinoma.

Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga ihuza kandi igatunganya ibikorwa bya za ambassades na za consulats arizo zifashishwa n'izindi nzego nkuru z'Igihugu zavuzwe haruguru.

Abahagarariye u Rwanda mu mahanga bashyirwaho na Guverinoma.

Politiki y'Ububanyi n'amahanga mu Rwanda yaranzwe no kugendera no gushyigikira umurongo w'igihugu cyakolonije u Rwanda, gushyira imbere inyungu z'abayobozi bakuru b'u Rwanda n'abayobozi bakuru b'ibihugu dufitanye nabyo umubano. Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi, politiki y'ububanyi n'amahanga yashyize imbaraga nyinshi mu gushaka guhindura isura mbi y'u Rwanda mu rwego mpuzamahanga. Iyo sura mbi ikaba yarasizwe na Jenoside yo muri 1994, mu gihe bimwe mu bihugu byari inshuti z'u Rwanda mbere ya jenoside yo muri 1994, byumvaga ko ihinduka ry'ubutegetsi mu Rwanda kwari ugutsindwa kwabyo. U Rwanda rwaranzwe no kugira impunzi nyinshi mu bihugu bituranye na rwo.

***b) Ubutwererane n'ubufatanye n'amahanga***

Amateka y'ubutwererane n'ubufatanye n'amahanga hagati y'u Rwanda n'amahanga yibanze ku bihugu n'imiryanmgo mpuzamahanga binyuranye, ariko bitahindaguritse cyangwa ngo umubare wabyo wiyongere ku buryo bugaragara.

Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi ,u Rwanda rwaguye amarembo rugirana ubutwererane n'ibihugu nk'Ubwongereza, Ubuhindi n'ibindi.

U Rwanda ruri mu miryango mpuzamahanga inyuranye nka: ONU, African Union, Commonwaelth, East African Community, COMESA kandi rwasabye kwinjira muri SADC n'iyindi.

U Rwanda kandi rwasinye amasezerano mpuzamahanga runayemeza burundu arebana n'ubutwererane, ubuhahirane, uburenganzira bw'ikiremwamuntu, umuco n'ikoranabuhanga, umutekano, gutembera nta nkomyi mu bihugu biri muri EAC, CEPGL, guhererekanya abagizi ba nabi hagati y'ibihugu n'imiryango imwe n'imwe.

Tumwe mu Turere n'imigi by'u Rwanda ndetse n'izindi nzego nk'amashuri, za paruwasi, byagiranye umubano wihariye n'Amakomini n'Imijyi n'Intara byo mu Ntara ya Rhénanie Palatinat mu gihugu cy'Ubudage, mu mijyi yo mu Bubiligi, Ubufaransa, ...

U Rwanda rwagiye rwitabira inama rusange zisuzumirwamo ubwo butwererane cyangwa inama zihuje abafite inyungu muri uwo mubano.

### 1.5.2. Ibibazo n'inzitizi

U Rwanda ruhagarariwe buke ugereranyije n'umubare w'ibihugu byo ku migabane y'isi n'umubare wa za Ambassades rufite. Ibi bituma umubano n'ibindi bihugu utaguka ndetse n'inyungu z'abanyarwanda baba mu gihugu no hanze y'u Rwanda ntizikurikiranwe neza.

Nta gahunda yo gushyigikira ishyaka ryo kugira abakozi b'abanyarwanda benshi mu miryango mpuzamahanga, yaba ishamikiye ku muryango w'abibumbye yaba iyindi ihuje ibihugu u Rwanda rurimo. Bityo nta nyungu ihagije u Rwanda ruvanamo n'ijambo ryarwo ntiryumvikaneyo bihagije;

Gushingwa ububanyi n'amahanga no guhagararira u Rwanda mu mahanga ntibiragirwa umwuga, bityo bigatuma bamwe mu babishinzwe bahuzagurika mu kazi kabo, ibi bigatuma umusaruro wabo uba muke;

Umubano w'u Rwanda n'ibihugu duturanye wakunze kononekara bitewe no kwishishanya bishingiye ahanini n'uko bicumbikiye bamwe mu mpunzi z'u Rwanda, cyangwa abatavuga rumwe n'ubutegetsi bw'u Rwanda;

Imwe mu miryango ihuje ibihugu byo mu karere k'Afurika u Rwanda rurimo nka CEPGL na OBK yarasinziriye; mu yindi nka EAC, u Rwanda ruyirimo ntangufu, urebye inyungu abenegihugu bagombye kuyikuramo.

Amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rushyiraho umukono cyangwa rwemeje burundu, ntamenyekana bihagije mu baturarwanda, nta n'ikurikiranwa ryihariye ry'ishyirwa mu bikorwa ryayo mu gihugu, imwe mu ngaruka ikaba kutagirira akamaro gahagije abenegihugu;

Ubutwererane n'amahanga ntibukorerwa mu nzego zinyuranye z'ubuzima bw'igihugu cyangwa ngo buhange izindi nzego bwakoreramo, bunashingiye kandi ku kwakira imfashanyo kurusha ukuzuzanya no kubahana (Partenariat / réciprocité);

Haracyari ingufu nke mu kumenyekanisha ku gihe ibikorerwa mu Rwanda nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

### 1.5.3. Intego

Ishyaka PDC rigamije:

Guteza imbere umubano mwiza w'u Rwanda n'amahanga n'imiryango mpuzamahanga ushingiye ku kwita ku nyungu za politiki, z'ubukungu n'imibereho myiza n'iz'umutekano by'abanyarwanda;

Kwagura umubano n'ubutwererane n'amahanga;no gushakira Ambassades abakozi babishoboye.

Kugira ijambo muri politiki mpuzamahanga ndetse no mu gufasha gukemura mu mahoro ibibazo byo mu karere u Rwanda rurimo.

Kugira ijambo no kwihesha agaciro muri African Union, mu muryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC) no kujya mu miyoborere yayo.

**1.5.4. Ibigomba gukorwa**

Guhuza n'igihe ibikenewe mu gutuma u Rwanda ruhagararirwa bihamye mu Turere tw'isi, mu miryango no mu nama mpuzamahanga bishingiye ku nyungu z'abanyarwanda aho ziri hose n'aho bari hose;

Gushyigikira ko u Rwanda rwahagararirwa mu miryango mpuzamahanga ishamikiye ku muryango w'abibumbye n'indi rurimo ku buryo bugaragara, Leta igashyigikira abakandida b'abanyarwanda mu nzego z'imirimo z'iyo miryango;

Kongera abakozi muri za ambassades no kuzongerera ubushobozi;

Guha agaciro umwuga w'abakora mu bubanyi n'amahanga hanononsorwa uburyo babitegurirwa, uburyo bajyaho, n'uburyo bwo gusuzuma no gukurikirana umusaruro wabo, no guhesha agaciro uburambe muri uwo mwuga;

Gushyikirana kenshi n'ibihugu bicumbikiye impunzi z'abanyarwanda, hagamijwe gukumira ingaruka z'ibikorwa byazo byahungabanya umutekano w'ibihugu byombi no kubafasha kugira amakuru kuri politiki y'igihugu cyabo n'intambwe kigenda gitera;kugirango bagaruke mu gihugu .

Guharanira ko impunzi zose z'abanyarwanda zitahuka no kwirinda ibitera abanyarwanda guhunga igihugu cyabo;

Kugarura no kunoza imibanire hagati y'u Rwanda n'ibihugu bituranye narwo, hubahirizwa ubusugire n'umutekano wa buri gihugu, bigamije ubutwererane n'ubuhahirane bw'abaturarwanda n'abatuye ibyo bihugu;

Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana iyubahirizwa ry'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono, kurushaho kuyamenyekanisha mu baturarwanda, gusinya ayasigaye no gutegura imishinga y'amajyambere iyashamikiyeho no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iva mu nama mpuzamahanga;

Kwinjira mu miryango y'akarere hagamijwe inyungu zo mu rwego rw'ubukungu urw'umutekano n'urwa politiki;

Guteza imbere ubutwererane bushingiye ku bwuzuzanye, ku bwubahane (partenariat) kandi bwaguka bukanagera ku nzego zose na za institutions zose;

Gushakira umuti w'ibibazo mu rwego rwa diplomatie;

Kwagura inzego z'ubufatanye hatekerezwa n'ubufatanye mu bumenyi, ikoranabuhanga, ibidukikije n'iterambere rirambye, ....

## 1.6. Uburenganzira bwa muntu

### 1.6.1. Ibishingirwaho

Uburenganzira bwa muntu bwashimangiwe n'Itegeko Nshinga igihugu kigenderaho.

Hashyizweho n'amategeko yihariye arinda ubwo burenganzira n'ayerekeye ibyiciro bimwe na bimwe by'abanyarwanda cyangwa yerekeye inzego z'ubuzima bw'igihugu, ndetse n'amategeko ahana abahohotera ubwo burenganzira.

Igihugu cyanashyize umukono kinemeza burundu amwe mu masezerano mpuzamahanga n'ayo ku rwego rwa Afurika, arengera uburenganzira bwa muntu.

Nyuma ya jenoside yakorewe abatuti muri Mata 1994,inkiko gacaca zafashije gutanga ubutabera bugamije kunga abanyarwanda. Nyuma yo gusoza imirimo yazo, ibibazo by'ubutabera bijyanye na jenoside yakorewe abatutsi byoherejwe mu nkiko zisanzwe.

Mu rwego kandi rwo guhangana n'ingaruka za jenoside no gukumira ko itazongera kubaho ukundi, hashyizweho itegeko rihana ingengabitekerezo ya jenoside n'irihana ivangura no gukurura amacakubiri.

Mu Rwanda hariho inzego zishinzwe kurinda no guteza imbere uburenganzira bwa muntu:

- Komisiyo y'igihugu y'Uburenganzira bwa muntu
- Inkiko
- Polisi y'iguhugu
- Urwego rw'Umuvunyi
- Komisiyo y'Igihugu y'abakozi ba Leta
- Inzego z'Ubutegetsi bwite bwa Leta.

Hariho n'amashyirahamwe arengera akanateza imbere uburenganzira bwa muntu n'imibereho y'ingeri z'abantu zihariye:Urugaga rw'Abavoka ,IBUKA, CLADHO, Pro-femmes Twese Hamwe, CCOAIB, COOPORWA, HAGURUKA, AJEPRODHO, ...

Hashyizweho ikigega kigamije gutera inkuga abarokotse jenoside batishoboye.

Hashyizweho uburyo bw'ubwisungane magirirane bufasha abaturage kwivuza, ndetse hanatangizwa politiki y'uburezi bw'ibanze kuri bose.

Kaminuza za Leta n'izigenga zariyongereye, kandi zihabwa imbaraga zituma zakira abashaka kwiga bose.

### 1.6.2. Ibibazo n'inzitizi

Umuco wo guha agaciro amategeko nturahama;

Amategeko menshi ashyirwaho ariko ntamenyekanishwe ku baturage, ndetse ntanubahirizwe bihagije;

Gutinda kw'imanza no kutarangiza imanza ziciwe

Ubukene mu miryango myinshi y'abanyarwanda butuma bagira imibereho mibi;

Inzego zishinzwe gukurikirana uko uburenganzira bwifashe mu banyarwanda ni nke kandi zifite ubushobozi buke bituma zitamenya ibibera mu turere tunyuranye tw'igihugu. Hafi ya zose zikorera ku rwego rw'igihugu no ku Ntara;

Amategeko n'amasezerano mpuzamahanga n'ay'igihugu yihariye arengera uburenganzira bwa muntu atazwi mu baturage. Bityo abaturage ntibashobora guharanira uburenganzira n'ubwisanzure byabo bikubiyemo;

Imikorere mibi ya hamwe mu nzego z'ubuyobozi igaragaramo kurangarana ibibazo by'abaturage;

Kuba abarokotse jenoside kugeza ubu batarahabwa indishyi, n'ubwo hari abantu benshi bamaze guhamwa n'icyaha cya jenoside kuburyo budasubirwaho.

Imanza zo muri TPIR zisa naho zarangiye ariko urebye usanga inshingano rwari rufite zitaragezweho zose.

Ingaruka za jenoside zigifite uburemere ku mibereho y'abarokotse ,abapfakazi,imfungwa,n'abandi.

### 1.6.3. Intego

Ishyaka PDC rigamije kwimakaza umuco uha agaciro uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu, kuburinda no kubuteza imbere bikaba inkingi y'ubutabera n'ubwubahane mu bantu, ndetse n'isoko y'imibereho myiza kuri bose.

### 1.6.4. Ibigomba gukorwa

Gushyiraho ibikorwa bigamije kumenyekanisha mu mvugo yoroshye amategeko n'amasezerano mpuzamahanga byerekeye uburenganzira bwa muntu;

Gukangurira ubutitsa inzego zinyuranye kubahiriza amategeko no gushyiraho uburyo bwo gukurikirana imikorere n'imyitwarire y'abakozi bo mubucamanza n'iyabahesha b'inkiko n'abashinjacyaha;

Gushyiraho imiyoboro ishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu igera ku nzego z'Uturere n'Imijyi no gukangurira abaturage kubumenya no kwifashisha iyo miyoboro;

Gukurikirana no gusuzuma imikorere y'abayobozi b'inzego zinyuranye mu bijyanye n'imiyoborere myiza no gufata ibyemezo bihana abatubahiriza amategeko arengera abaturage;
Gushyiraho politiki n'ingamba bitsura imibereho binabungabunga ubuzima bw'abashegeshwe na jenoside mu Rwanda;
Gushyigikira imiyoborere myiza irangwa na demokarasi, no kugendera ku mategeko byo nkingi y'umutekano, amajyambere n'amahoro birambye;
Gushyiraho urwego rushinzwe gukurikirana no kugenzura iyubahirizwa ry'amahame yo guhabwa amahirwe angana mu mitangire y'imirimo mu Rwanda;
Gutangaza ibyavuye mu mapiganwa y'abashaka akazi.

## 1.7. Ubutabera

### 1.7.1. Ibishingirwaho

Nyuma ya jenoside byabaye ngombwa ko hashyirwaho itegeko nº 08/96 ryo kuwa 30/08/1996 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi ndetse n'icy'ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu, ryaje kuzuzwa n'itegeko rishyiraho Inkiko GACACA.
Itegeko Nshinga ryo muri Kamena 2003 ryagennye amahame rusange y'ibigomba guhinduka mu miterere y'Inkiko n'ubutabera mu Rwanda.
Amategeko yo hasi agomba guhindurwa azakurikiza ibyagenwe n'Itegeko nshinga.
Muri rusange ibibazo biri mu butabera nyuma ya jenoside byari bisanzweho mbere yayo ariko biza kwiyongera kubera ako kaga kabaye mu Rwanda.
Leta yagerageje gusana Inkiko, ahenshi yagiye izigenera ibikoresho birimo na mudasobwa ariko inkiko zitari izo mu mujyi ziracyakeneye kwongererwa ibikoresho birimo imodoka ndetse na mudasobwa igakoreshwa mu buryo bwo kubika amadosiye.
Inkiko zisanzwe ziracyaburanisha amadosiye y'abantu bakurikiranweho icyaha cya jenoside ariko bari mu rwego rwambere ndetse n'amadosiye y'abandi bantu bari mu zindi nzego ariko yari yarashikirijwe inkiko mbere yuko itegeko rya jenoside ritangira gukurikizwa.
Kubera ko uburyo busanzwe bwo guca imanza butashoboye kubera igisubizo cy'amadosiye menshi yari yuzuye mu nkiko, byabaye ngombwa ko Leta ishyiraho Inkiko GACACA kugira ngo ubwo buryo bushya bwihutishe imanza, ukuri ku byabaye kumenyekane kubera ko zibera aho icyaha cyakorewe ndetse n'abaturage bakagiramo uruhare bityo bukabera igisubizo abakurikiranweho icyaha cya jenoside ndetse n'abaregera indishyi.
Mu bihano biteganwa n'itegeko hari imirimo rusange itegenwa n'iteka rya Perezida nº 26/01 ryo kuwa 10/12/2001 kugira ngo abakoze icyaha bagire uruhare mu gusana ibyo bangije.

Kubyerekeye Urukiko rwa ARUSHA (TPIR) kuba rwaragiyeho ni byiza kuko rwatumye nibura amahanga amenya ko abantu bapfuye bishwe mu jenoside yakorewe abatutsi akaba ari icyaha cyibasiye inyokomuntu.

Ibyo byatumye amahanga yaratereranye u Rwanda nibura yitabira gushakisha abari kw'isonga mu gukora icyaha cya jenoside.

Itegeko nshinga ryo muri Kamena 2003 rishingiye ku ihame ry'uko Ubushinjacyaha bugomba kuba bumwe ryagenye ko hashyirwaho Parike imwe na Serivisi ziyunganira mu gihugu cyose ndetse Minisitiri w'Ubutabera akajya akurikiranira hafi imikorere ya za Parike byaba ngombwa mu nyungu rusange nomu gihe byihutirwa agatanga amabwiriza yanditse.

Urugaga rw'abavoka rwashyizweho n'itegeko nº 04/97 ryo kuwa 19/03/1997 mbere yaho kuburanira abantu byakorwaga n'abantu batabyigiye.

Nubwo Abavoka b'u Rwanda babanje kutitabira cyane imanza za jenoside kubera ibikomere benshi bari bafite no kubera ko abaturage batakiraga neza nk'uburanira abakekwaho icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi, nyuma Abavoka bitabiriye bihagije uwo murimo bafatanije n'abanyamahanga.

### 1.7.2. Ibibazo n'inzitizi

Ubutabera ntibwigeze bukorera ahantu hajyanye n'uburemere bw'inshingano buhabwa n'amategeko, n'ingengo y'imari ndetse n'ibikoresho bagenewe byagumye kuba bike.

Nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi, inkiko nyinshi n'ubwo zitari zihagije na mbere hose, zarasenywe ziranasahurwa.

Ubutabera uretse kudahabwa ibikoresho n'ingengo y'imari bihagije byagombye gutuma bwigenga, bwakunze gukorera mu kwaha kw'abanyapolitiki cyangwa bukayoborwa n'abantu bari baragizwe ibigirwamana.

Guca imanza bigenda gahoro ndetse abacamanza bamwe barya ruswa.

N'ubwo abacamanza bitabiriye kongera ubushobozi bwabo, baracyakeneye amahugurwa cyane mu bice by'amategeko bishya amahanga agenda avumbura.

Abaturage bose ntibabasha kwirihira umwavoka kubera ubushobozi buke ndetse no kubera umubare w'Abavoka n'Abadefanseri ukiri muto.

Mu nkiko umubare w'abacamanza b'abagore uracyari muto,ugereranyije n'umubare w'abaturage.

### 1.7.3. Intego

Ishyaka PDC rigamije ubutabera nyakuri burenganura abaturage bose kandi bwubahiriza amategeko kuri bose n'uburenganzira bwa buri wese kandi bwigenga.

#### 1.7.4. Ibigomba gukorwa

- Imishinga y'amategeko yerekeye ubucamanza igomba kuganirwaho bihagije n'abaturage ariko cyane cyane abazayakoresha nk'abacamanza n'abavoka;
- Gushyiraho ibyumba by'imanza byihariye by'umurimo, ubucuruzi, abana, n'ibindi;
- Gushishikariza abari n'abategarugori kujya mu bucamanza;
- Kurangiza imanza zaciwe hakurikije itegeko ngenga nº 07/96 ryo kuwa 30/08/1996 rigena imitunganyirize y'ikurikirana ry'ibyaha bigize icyaha cya jenoside yakorewe abatutsi cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu, byakozwe kuva itariki ya 1 Ukwakira 1990 kugeza ku ya 31/12/1994;
- Guharanira ko urukiko rwa ARUSHA rwanaburanisha ibyerekeye indishyi;

Urwo rukiko rukwiye kandi gushakira imiti yo kuvura abari n'abategarugori banduye agakoko ka SIDA mu gihe cya jenoside.

- Kugenera urwego rw'ubutabera amikoro ahagije;
- Kwihutisha iteka ry'ikigega cyo kunganira abatishoboye kuko cyatuma abavoka bunganira n'ababikeneye bari mu zindi Ntara, ariko nabo bagahabwa uburyo bwo kuhagera;
- Guhugura abakozi b'inkiko bakanagezwaho uburyo bugezweho bwo kwandika imanza kuko kwandikisha intoki bitera ababuranyi batabona umwanya wo gosoma ibyo banditse mbere y'uko babisinya;
- Kongera umubare w'abahesha b'inkiko b'umwuga (huissiers professionnels en justice);
- Gushyiraho ba notaires na ba huissiers bikorera ku giti cyabo.

## 1.8. Itangazamakuru

#### 1.8.1. Ibishingirwaho

Mu Rwanda itangazamakuru rikorwa ni Ibinyamakuru byanditse, Radiyo na Televiziyo ndetse na Internet.

Itangazamakuru ryandika rigizwe n'itangazamakuru rya Leta n'iryigenga.

Urwego rw'itangazamakuru rikoresha Televiziyo rwo ruracyari umwihariko wa Leta. Havutse ibitangazamakuru byandika byigenga byinshi kandi bigakorera i Kigali akenshi.

Muri iki gihe kandi itangazamakuru nyarwanda naryo ryifashisha bwa buryo bw'ikoranabuhanga rigezweho rya Internet mu gusakaza no gutara amakuru hirya no hino.

Hashyizweho kandi ishami ry'itangazamakuru muri Kaminuza y'u Rwanda,ndetse no muri za Kaminuza zigenga.

Hanavuguruwe itegeko rigenga itangazamakuru hanashyirwaho Inama Nkuru y'Ibitangazamakuru (Media High Council).

Hashinzwe amaradiyo yigenga ariko akaba yiganje cyane mu mujyi wa Kigali.

**1.8.2. Ibibazo n'inzitizi**

Itangazamakuru nyarwanda rifite ibibazo n'inzitizi u Rwanda rusangiye n'ibindi bihugu bikiri mu nzira yo gushimangira imiyoborere myiza na demokarasi.

Rifite n'ibindi bibazo by'umwihariko bishingiye ku muco karande no ku bumenyi n'ubuhanga budahagije.

Mu rwego rw'imiyoborere myiza na demokarasi, itangazamakuru riracyafite inzira yo kumenya gukoresha neza ubwisanzure bwaryo mu nyungu z'abaturage ari naho rikomora kwitwa ubutegetsi bwa kane.

Amikoro make aranga urwego rw'itangazamakuru n'abakora umwuga w'itangazamakuru nayo ni imwe mu bibangamira ubwo bwisanzure;

Ku byerekeye ibibazo bishingiye ku muco karande bw'igihugu, itangazamakuru rifite inzitizi yo kuba rigendera ku muco nyarwanda ushingiye ku ibarankuru;

Abanyarwanda bafite akamenyero gake ko gusoma no kwandika ku buryo ibyo bibangamira iterambere ry'itangazamakuru ryandika ;

Ubumenyi n'ubundi buhanga bujyana n'urwego rw'itangazamakuru mu buryo bwa kinyamwuga haba mu gukora inkuru muri tekiniki ijyana nabyo nabwo usanga bugifite byinshi bikiri inyuma;

Ubwisanzure bw'itangazamakuru bukumirwa hazirikanwa uruhare rubi ryagize mu mateka y'amacakubiri yabaye mu Rwanda no muri jenoside yo muri 1994;

Abaturage ntibaramenya gushungura ibyo bumva cyangwa basoma mu itangazamakuru

Televiziyo iracyihari umwihariko wa Leta .

Ibinyamakuru ntibikwira hose mu gihugu.

Umuco w'iterabwoba ku binyamakuru aho gusesengurana ubushishozi ibyavuzwemo.

**1.8.3. Intego**

Ishyaka PDC rigamije iterambere n'ubwisanzure bw'itangazamakuru rinaharanira kugira ngo itangazamakuru nyarwanda rirusheho gutera imbere, umunyamakuru nyarwanda akore bikurikije amahame agenga itangazamakuru muri rusange, ashimangira ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubunyamwuga, ukuri no kutabogama;

PDC ishyigikiye kandi itangazamakuru rifatwa nk'umusemburo w'amajyambere rijijura abenegihugu bakaryungukiramo ubumenyi rikanabafasha kugubwa neza bituma biteza imbere bagakemura ibibazo bibugarije.

PDC igamije gukangurira abaturage gukoresha uburenganzira bwabo bwo kumenya amakuru mu bushishozi bujyanye no gushungura no kugaragaza ibitekerezo byabo bifashishije itangazamakuru.

#### 1.8.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira abaturage n'abashoramari no kuborohereza kwitabira itangazamakuru hafatwa ingamba zituma ibinyamakuru binyuranye biboneka byaba ibyandika, zaba Radiyo cyangwa Televiziyo, no kubyifashisha muri gahunda zabo;

Gushyiraho politiki n'ingamba biteza imbere ubwisanzure n'ubwigenge by'itangazamakuru no gushyigikira ibikorwa byose byateza imbere uwo mwuga cyane cyane ku rwego rw'ubumenyi na tekiniki. Ibi bijyana no guhugura abanyamakuru no gushyigikira amashuri yigisha itangazamakuru ku buryo bw'umwuga.

Kugabanyiriza imisoro n'amahoro ibinyamakuru bikimara kuvuka;

Gushyigikira ubwisanzure bw'abaturage mu gutanga ibitekerezo no gutangaza mu bitangazamakuru ibyo batekereza mu buryo bwubahirije amategeko;

Kugena uburyo abikorera bifuza kandi bashoboye gushinga ibitangazamakuru byigenga bwubahirije itegeko babigeraho;

Gushyigikira imikorere inoze y'Inama Nkuru y'Ibitangazamakuru;

Gushyigikira umuco wo gukorana n'itangazamakuru bigamije kumenyekanisha ibigerwaho na buri rwego rwa Leta mu nshingano zarwo no kumenyekanisha ibikorwa by'amajyambere hirya no hino mu gihugu;

Gushyigikira itangazamakuru ryita ku mibereho yihariye n'inzego z'imirimo zihariye;

Gushyigikira iherekanya ry'amakuru hakoreshejwe ikoranabuhanga rigezweho Internet;

Gushishikariza abanyarwanda gukora ku maradiyo yo hanze akomeye kandi yumvwa cyane mu Rwanda;

Kongerera za ambassades ubushobozi bwo gutangaza amakuru mu Rwanda.

## 1.9. Imitwe ya politiki

#### 1.9.1. Ibishingirwaho

Amashyaka ya politiki mu Rwanda si aya none, kubera ko amateka yayo atangira mbere gato y'ubwigenge. Nyuma ya 1962 ishyaka ryatsinze amatora ryanize andi mashyaka. Guhera muri 1975 ubutegetsi bwa Repuburika ya kabiri, bwashyizeho ishyaka rimwe rukumbi, bityo amashyaka menshi akurwaho mu itegeko nshinga ryo muri 1978. Itegeko nshinga ryo muri 1991 ryongeye gushyiraho amashyaka menshi. Ariko amwe mu mashyaka cyangwa bimwe mu bipande byayo byagize uruhare mu itegura no mu gukora jenoside yakorewe abatutsi; Guhera mu kwezi kwa karindwi 1994 kugeza ubu, hari imitwe ya politiki yemewe icumi (FPR, PSD, PL, PDC, PDI, PSR, UDPR, PPC,PSP, PS Imberakuri) yibumbiye mu Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki. Imitwe ya politiki yagize uruhare mu

itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya jenoside yakorewe abatutsi kandi yari ishingiye ku ngengabitekerezo ya jenoside (MRND, MDR na CDR) yarasheshwe.

Kubera amateka mabi yaranze igihugu n'impungenge ku myitwarire mibi kuri bamwe mu bari bagize amashyaka ya mbere ya 1994, imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yumvikanye ko yibumbira mu 'Ihuriro ry'imitwe ya politiki. Iryo Huriro ryagize uruhare runini mu gutuma abayobozi bayo bungurana ibitekerezo bikuru ku bibazo by'igihugu no kunoza imiyoborere myiza.

Hashyizweho itegeko ngenga rigenga imitwe ya politiki n'abanyapolitiki,kandi ubu imitwe ya politiki yemerewe gukora politiki kugeza ku rwego rw'Umudugudu.

### 1.9.2. Ibibazo n'inzitizi

Imyumvire mibi y'abanyarwanda bamwe bafitiye amashyaka kubera imyitwarire yaranze bamwe mu bayoboke bayo cyane cyane mu ivuka ryayo, mu myiteguro y'ubwigenge no mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi;

Mu mateka y'amashyaka n'imibanire yayo harangwamo kutihanganirana mu bitekerezo bidahuje n'iby'irindi shyaka;

Bamwe mu bayobozi b'imitwe ya politiki bagaragaje imbonahafi no kugurana inyungu z'igihugu n'iz'abaturage indonke zabo;

Abaturage ntibigishijwe demokarasi ishingiye ku bitekerezo binyuranye no kumenya kubihitamo bashingiye ku buremere na programu za politiki zibereye iterambere ry'ubuyobozi burambye.

Imitwe ya politiki ntifite ubwisanzure buhagije mu gushaka abayoboke ku rwego rw'inzego z'ibanze.

### 1.9.3. Intego

PDC igamije iterambere rya demokarasi rishingiye ku bitekerezo binyuranye bya politiki, imitwe ya politiki myinshi ikaba urubuga rwo kugaragarizamo ibyo bitekerezo, mu bwubahane, inatuma abaturage bihitiramo inzira inoze y'imiyoborere yabo n'iterambere by'igihugu cyabo, ariko intagondwa zigacibwa intege, kimwe n'abatihanganira ibitekerezo binyuranye n'ibyabo.

PDC kandi igamije demokarasi iha umuntu agaciro, ikaba ari we igira insanganyamatsiko y'ibikorwa mu gihugu byose.

#### 1.9.4. Ibigomba gukorwa

-Gukangurira abaturage ibyiza bya demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye no gutoza abanyarwanda umuco wo koroherana, kuzuzanya muri urwo runyurane rw'ibitekerezo;

-Gushimangira imiyoborere y'igihugu yubahiriza ihame ryo gusaranganya ubutegetsi mu byiciro binyuranye by'abahagarariye ibitekerezo bya politiki byubaka;

-Gutoza abanyarwanda kugira ubushishozi buhagije mu gutora abayobozi babishoboye bishingiye kuri gahunda y'ibikorwa bya politiki (programme politique);

Kubahirisha ihame ryo kutajya mu bikorwa by'imitwe ya politiki no kutayibogamiraho ku bagize inzego zikurikira: Ingabo z'igihugu, Abacamanza, Polisi y'igihugu, Inzego z'iperereza.

Kugenera imitwe ya politiki inkunga ya buri mwaka, ibafasha kugera ku nshingano n'intego byayo biteganwa n'Itegeko nshinga ryo muri Kamena 2003 no mu mategeko bwite yayo.

Gutoza abayobozi umuco wo kubahana mu bitekerezo no gutuma imitwe ya politiki iba urubuga rusesuye rwo kubuka Igihugu no gushimangira ihame rya demokarasi.

## 2. URWEGO RW'UBUKUNGU

### 2.1. Ubuhinzi

#### 2.1.1. Ibishingirwaho

Mu Rwanda ubuhinzi ni moteri y'ingenzi y'izamurabukungu.

Ni mu gihe kuko ibibukomokaho ari byo soko yo kubaho no kuramuka kwa bose kandi ni na cyo gikorwa n'umubare munini w'abaturage. Ubuhinzi mu Rwanda burimo ingeri ebyiri: ubuhinzinganduraragugo n'ubuhinzi ngengabukungu. Gahunda nyinshi zo guteza imbere ubuhinzi zirakorwa: guhugura no gushishikariza umurimo abahinzi , kubabonera inyongeramusaruro (imbuto, amafumbire,... ), guhuza ubutaka,gukangurira abahinzi gukorera mu makoperative , gutunganya ibishanga n'ibindi. Ariko urwo rwego rw'ubukungu ruracyafite ingorane nyinshi.

Ndetse hatangijwe igikorwa cyo guhingisha imashini mu rwego rwo guhinga hanini hashoboka ariko umusaruro ntuhagije.

#### 2.1.2. Ibibazo n'inzitizi

Ahahingwa na burimuryango haragenda harushaho kuba hato kubera ubwiyongere bw'abaturage n'umuco wo gutanga iminani y'ubutaka;

Ubutaka bwaragundutse kubera guhora buhingwa , isuri n'ibindi ...

Abitwa ko bakora umurimo w'ubuhinzi ni benshi cyane, ariko ababigize umwuga ni bake, abandi ni ukubyiyitirira;

Ikoranabuhanga ni rike: haracyakoreshwa cyane uburyo bwa gakondo ;

Ubuhinzi bushingira hafi ya hose ku bihe by'imvura, kandi amazi n'ubutaka dufite ntibikoreshwa neza ;

Umusaruro ntuhagije muri rusange n'ubonetse akenshi ntutunganywa neza ngo unahunikwe, iyo wabaye mwinshi upfa ubusa;

Bimwe mu bihingwa ngengabukungu ntibikitaweho n'abahinzi kubera ko igiciro cyabyo kitajyanye n'isoko.

Indwara zadukiriye bimwe mu bihingwa byatangaga umusaruro mwinshi(imyumbati, urutoki).

Ibihingwa bimwe bigenda bicika mu duce tumwe na tumwe kandi ari ingirakamaro (uburo ,amasaka,ibijumba....)

Ahantu hamwe na hamwe hahunikwagwa imbuto hagizwe inzuri (ibishanga,inkuka....)

Ubushakashatsi ku bihingwa bihingwa cyane mu Rwanda(ibirayi,ibishyimbo,insina,imyumbati,...) ntibiratanga umusaruro ushimishije.

**2.1.3. Intego**

Urwego rw'ubuhinzi nirwo rugikomeje guha akazi abantu benshi mu Rwanda. Kubera iyo mpanvu,PDC igamije kurushaho guteza imbere ubuhinzi bugatunga nyirabwo kandi bugasagurira amasoko yo mu gihugu n'ayo hanze ku buryo butanga inyungu igaragara n'umusaruro ushimishije kandi Igihugu cyikihaza mu biribwa.

**2.1.4. Ibigomba kwitabwaho.**

Amahugurwa ahoraho arimo n'ingendoshuri yerekeye gufata neza ubutaka, kububyaza umusaruro , kuwutunganya no kuwubika neza, gushaka amasoko , guhinga hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'ubuhinzi ;

Kunoza uburyo bwo gutanga no gukoresha inguzanyo mu rwego rw'ubuhinzi no kuyikoresha neza ;

Gutegura imishinga iteza imbere ubuhinzi no gushishikariza abahinzi guhinga kijyambere bakabigira umwuga;

Gukangurira abahinzi kwibumbira mu makoperative;

Guhitamo no gukoresha imbuto z'indobanure ziberanye na buri hantu no kurushaho gukoresha amafumbire (imborera n'imvaruganda );

Kongera ingufu mu bikorwa byo kurwanya isuri kugirango icyendera ry'uburumbuke ry'ubutaka rigabanuke ;

Gukangurira abanyemari gushora mu buhinzi no gushinga inganda zishingiye ku buhinzi;

Guteza imbere ibihingwa ngengabukungu ;

Kwiga gahunda yo kurushaho gukoresha amazi y'imigezi n'ibiyaga mu buhinzi mu gihe cy'izuba.

Kwiga uko abadafite aho bahinga bakora indi mirimo;

Gushyigikira amamurika yerekeye ikoranabuhanga mu buhinzi mu gihe cy'iki.

Gushyira ingufu mu bushakashatsi ku byerekeye ubuhinzi.

## 2.2. Ubworozi

### 2.2.1. Ibishingirwaho

N'ubwo na mbere amatungo atari ahagije, yaragabanutse cyane muri jenoside yakorewe Abatutsiyo muri 1994.

Leta yagerageje kongera gusana urwego rw'ubworozi ikwirakwiza amatungo magufi n'amaremare mu giturage, mu rwego rw'impano cyangwa bw'inguzanyo ziherererekanwa. Habaye kandi ibikorwa byo kuvugurura amatungo asanzwe mu Rwanda hagamijwe kugira amatungo atanga umusaruro utubutse.

Abaturage bakanguriwe kurinda amatungo indwara zinyuranye.

### 2.2.2. Ibibazo n'inzitizi

Amatungo ya kijyambere aracyari make mu baturage;

Umusaruro ukomoka ku bworozi ntuhagije, nyamara n'abiyemeje gushoramo imari ntibabona isoko rishimishije kubera ubukene bw'abaturage;

Aborozi b'umwuga ni bake;

Abavuzi b'amatungo baracyari bake;

Inyongeramusaruro zo mu bworozi ntziboneka neza mu cyaro;

Ubworozi bwihariye ( amafi, inzuki, ibishuhe ... ) nti buratera imbere.

### 2.2.3. Intego

PDC igamije kongera ubumenyi bw'aborozi, kongera amatungo meza mu baturage no guhesha agaciro ibikomoka ku bworozi.

### 2.2.4. Ibigomba kwitabwaho

Korohereza aborozi kubona amatungo menshi kandi atanga umusaruro utubutse ( yaba amanini cyangwa amato );

Gushyira mu bikorwa uburyo bw'inguzanyo y'amatungo bwayasakaza mu baturage no gushyiraho ikigega cy'ubwishingizi mu byerekeye ubworozi;

Gusobanurira abaturage uburyo bashobora kugira amatungo magufi menshi;

Guteza imbere ubuvuzi bw'amatungo;

Gushishikariza aborozi ubworozi bwa kijyambere, kandi ku bwoko bw'amatungo anyuranye;

Guteza imbere guhunika ubwatsi no kumenya kubona no kugabura amatungo indyo inyuranye;

Guteza imbere ubworozi bwihariye;

Guteza imbere ubushakashatsi- no gutanga amahugurwa ahoraho arimo n'ingendoshuri mu rwego rw'ubworozi hanze n'imbere mu gihugu.

## 2.3. Umutungo kamere

### 2.3.1. Ibishingirwaho

Umutungo kamere ugizwe ahanini n'amazi, ubutaka,n'ibibirimo ( amabuye y'agaciro, gaz méthane, ... ), amashyamba n'ibindi bimera . Umutungo kamere mu Rwanda ni kimwe mu – byinjiriza Leta amafaranga menshi ayifasha kurangiza inshingano zayo; akaba ariyo mpanvu wakagombye guhabwa agaciro nk'uko bikwiye, kugira ngo urusheho kugirira akamaro abanyarwanda.

### 2.3.2. Ibibazo n'inzitizi

Ubutaka buraducika: isuri, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bibwangiza buri munsi;

Ibimera byinshi byaracitse kandi byari bifite akamaro cyane cyane mu buvuzi bwa gakondo;

Ibiyaga, inzuzi, ibishanga, biragenda bikama kubera isuri no kutubahiriza inkengero zabyo zigenwa n'amategeko;ndetse hamwe na hamwe hatera ingaruka ku igabanuka z'ingufu zikomoka ku mashanyaraza (Ntaruka,Mukungwa)

Abantu ntibumva akamaro k'amashyamba kimeza n'ibyanya;

Umutungo kamere udakoreshwa bihagije ( izuba, umuyaga, amazi,gaz methane ... ) ibimera bikoreshwa mu buvuzi bwa gakondo na kinyarwanda .

Igabanuka ry'inyamaswa zo mu gasozi (mu mashyamba no mu bihuru ).

Ibimera tudakoresha ngo bibyazwa umusaruro kandi tubifite ku bwinshi (papyrus,roseau.....)

### 2.3.3. Intego

PDC igamije kubungabunga neza umutungo kamere no kuwubyaza umusaruro ku buryo urushaho kugirira akamaro abanyarwanda b'ubu n'abazabakomokaho.

### 2.3.4. Ibigomba kwitabwaho

Gukora amakarita mashya yerekana ahari amabuye y'agaciro n'ubwoko bw'amabuye buhaboneka.

Gufata neza ubutaka n' amashyamba, bikabyazwa umusaruro bitangijwe no gukurikiranira hafi icukurwa rya kariyeri n'amabuye y'agaciro kugirango bitagira ingaruka ku misozi ,ibishanga,n'imigezi.

Gushyiraho uburyo buboneye bwo gukoresha umutungo kamere muri rusange no gukangurira abaturarwanda kubahiriza amategeko agenga umutungo kamere;

Gukangurira abanyarwanda gukora ubushakashatsi bwagaragaza uko umutungo kamere wabyazwa umusaruro.

Kongera ubumenyi n'inzobere mu rwego rwo gucunga no gukoresha umutungo kamere.

## 2.4. Umurimo

### 2.4.1. Ibishingirwaho

Umurimo ni ishingiro rya byose kuko utakoze nta na kimwe wateganya kugeraho ; akaba ariyo mpanvu Leta y'u Rwanda yitaye ku murimo, ndetse ubu uri mu ntego ya Repubulika.

Hari imirimo inyuranye: itanga imishahara buri kwezi n' itanga inyungu hashize igihe gitandukanye bitewe n'imiterere y'iyo mirimo. -

Hari abakorera Leta, abakorera abandi n'abikorera, kandi n'amategeko agenga umurimo yaravuguruwe;

Mu rwego rwo kunoza itangwa ry'akazi muri Leta, mu Itegeko Nshinga hashyizweho Komisiyo y'abakozi ba Leta.

### 2.4.2. Ibibazo n'inzitizi

Abadafite akazi bariyongera buri munsi kandi abenshi ntibafite ubushobozi bwo kwihangira imirimo;

Inganda cyangwa ibindi bikorwa biha akazi abantu benshi biracyari bike;

Igihugu ntigifite ubushobozi bwo gutanga akazi ku bantu barangije amashuri bose;

Umurimo w'amaboko uracyasuzugurwa;

Kutagira abakozi b'inzobere mu nzego nyinshi( Urugero: Ibarurishamibare ,informatique, audit, ... ) no kutagira urutonde rw'imirimo ikenewe ;

Haracyari ingeso mbi yo kudaha igihe agaciro.

### 2.4.3. Intego

PDC igamije gushishikariza Abanyarwanda cyane cyane Urubyiruko guhanga imirimo iha abantu benshi akazi kandi buri muntu akihatira gutanga umusaruro ushimishije;

Guha umurimo uwo ari wo wose agaciro mu gihe utunze nyirawo kandi ugateza igihugu imbere.

### 2.4.4. Ibigomba kwitabwaho

Korohereza abikorera ku giti cyabo guhanga imirimo iha abantu benshi akazi;
Gutoza abantu kwihangira imirimo yiyongera ku y'ubuhinzi cyane cyane mu cyaro;
Gushishikariza abanyemari b'abanyarwanda n'ab'abanyamahanga gushora imari mu bikorwa bitanga akazi ku bantu benshi;
Gushishikariza abantu bose gukunda umurimo;
Gutegura ibikorwa rusange bitanga imirimo ku bantu benshi ;
Kongera ubushobozi n'ubuhanga bw'abakozi;
Gutoza abantu kubahiriza no guha igihe agaciro;
Guteza imbere ikoranabuhanga mu kazi;
Gushyigikira ingaga z'abakozi;
Gushyigira no kwimakaza umuco wo gukorera ku mihigo mu nzego zose no kugira umurimo unoze.

## 2.5. Ubucuruzi, ubuhahirane n'inganda

### 2.5.1. Ibishingirwaho

Abaturarwanda bafite byinshi byateza ubucuruzi imbere . Aho igihugu cyacu giherereye byagombye kugiha uburyo gishobora kubona isoko hanze yacyo. U Rwanda kandi rufite ibihingwa ngengabukungu , ku buryo byitaweho umusaruro wabyo watezwa imbere.
Ikindi cyatuma ubucuruzi butera imbere ni uko itumanaho hamwe n'imihanda byagirwa mu rwego rushimishije.
Mu rwego rw'ubuhahirane, ibishingirwaho ni byinshi . Uturere tw'igihugu ntabwo tweza ibintu bimwe . Hari amahuriro ( carrefours ) yatuma haba ihanahana ry'ibyo Uturere tweza.
Abaturage bamaze kumenya akamaro k'amakoperative ku buryo nayo yafasha cyane mu buhahirane.
Ku bijyanye n'inganda, igihugu cyacu gifite ibintu bimwe byazikoreshwamo, aha twavuga cyane cyane urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, amabuye y'agaciro, gaz méthane; n'ibyo guhindura ibyakoreshejwe ( recyclage des matériaux ).
Ubuhahirane mu rwego mpuzamahanga bwabonye izindi ngufu, mu rwego rwa EAC no muri COMESA,commowealth.
Hatangiwe umuco mwiza wo kujya inama hagati ya Leta n'abikorera ( urugero: abacuruza ibikomoka kuri peteroli ).

Muri ambasade z'u Rwanda harimo abakozi bashinzwe ubucuruzi.

### 2.5.2. Ibibazo n'inzitizi

Ibyo inganda zikenera siko byose bihari mu rwego rushimishije cyane cyane ibikoresho by'ibanze, umuriro n'amazi, abakozi bahendutse n'isoko rinini ryagurishirizwamo ibyakorewe muri izo nganda;

Mu rwego rw'ubucuruzi igihugu gihura n'ikibazo cyo gutura kure y'inyanja ku buryo ubucuruzi n'ibindi bihugu bigorana;

Kuba nta gari ya moshi ihuza u Rwanda n'ibindi bihugu nabyo bituma ubucuruzi budatera imbere uko bikwiye;

Abaturage b'u Rwanda nta bushobozi buhagije bafite haba mu kugura ibyo bakeneye, mu kuzigama no mu gushora imari mu mishinga yunguka;

Kubere imiterere y'imihanda ( yo mu -cyaro ) bituma ibiciro by'ubwikorezi bihenda, bityo bikagira ingaruka ku biciro by'ibicuruzwa;

Mu karere turimo duhuriye ku bicuruzwa bimwe kandi tudafite ingufu zimwe zo kubipiganisha ku masoko;

U Rwanda ntiruvana inyungu zihagije mu miryango y'akarere rurimo;

Abakozi badafite ubumenyi ngiro buhagije;

Abanyarwanda hamwe n'abanyamahanga ntibitabira cyane gushora imari mu nganda n'izihari ntabwo zikora kugirango zirushwanwe. Usanga akenshi n'ababikoze bashyiraho inganda zikoresha ibintu bituruka hanze gusa kandi isoko ryabyo rikaba ari rito cyane , ibyo kandi bigatuma ibikorerwamo bitabasha guhangana n'ibikorerwa mu bihugu bidukikije;

Umuco mubi wo gukwepa umusoro no gucunga nabi umutungo rusange ;n'imisoro y'ikirenga ku bicuruzwa bimwe na bimwe biva mu mahanga.

Ibyo u Rwanda rutumiza hanze biruta ibyo rwoherezayo.

### 2.5.3. Intego

PDC igamije guteza imbere ubucuruzi, ubuhahirane n'inganda bigashobora kugera ku ntera ishimishije izamura iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

### 2.5.4. Ibigomba kwitabwaho

Gushishikariza amabanki gutanga inguzanyo ku buryo butagoye abayagana mu rwego rwo gushora imari mu bucuruzi, ubwikorezi n'inganda,

Gushyiraho politiki y'ubuhahirane n'ubufatanye imbere mu gihugu;

Guteza imbere inganda zihindura umusaruro mu cyaro;

Guteza imbere inganda zikoresha ibikomoka mu gihugu;

Gushishikariza abantu gushora imari mu nganda zitunganya imyanda y'imijyi, ikabyazwa ifumbire n'ibindi bikoresho;

Gushishikariza abikorezi gukoresha inzuzi n'ibiyaga by'u Rwanda mu rwego rw'ubuhahirane;

Gushyiraho politiki iteza imbere abanyamyuga baciriritse no kurengera ibikoresho fatizo ngo bidakendera;

Korohereza abashaka gushora imari mu cyaro;

Gukurikiranira bugufi ihindagurika ry'imitere y'ubukungu ku isi kugira ngo ubukungu bw'u Rwanda butazahazwa n'uko guhindagurika;

Kunoza gahunda yo kurwanya ruswa na magendu;

Gushakisha ibicuruzwa bishya byakoherezwa hanze ;

Kunoza amasezerano y'ubucuruzi hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu ku buryo inyungu z'u Rwanda zitabangamirwa;

Gushishikariza abacuruzi kumenyekanisha no kwamamaza ibicuruzwa byabo;

Gushakisha uburyo ibicuruzwa byo mu Rwanda - byubahiriza ubuziranenge bwemewe ku rwego mpuzamahanga;

Kongerera imbaraga inzego zirengera abaguzi.

## 2.6. Ibikorwaremezo

Imibereho myiza n'iterambere bigomba kugira inkingi byubakirwaho. Iyo igizwe cyane cyane n'ingufu ( energy ), amazi, imihanda n'ubundi buryo bwo gutumanaho.

### 2.6.1. Ingufu

#### *2.6.1.1. Ibishingirwaho*

Ingufu zimenyerewe mu Rwanda ni izishingiye ku bicanwa.

Ingufu z'amashanyarazi ziza mu mwanya wa kabiri.

Hari n'abakoresha imirasire y'izuba kimwe na biogaz.

Izindi ngufu zose ni izikoreshwa mu rwego rw'ubushakashatsi cyangwa rw'igeragezwa(gaz methane,nyiramugengeri......)

#### *2.6.1.2. Ibibazo n'inzitizi*

Ibicanwa biragenda bikendera kubera igabanuka ry'amashyamba n'ubwiyongere bw'abaturage. Bamwe biyambaza ibicanwa byakagombye kubyazwa ifumbire ( imbagara, ibikenyeri, ibisheshe, ...)

Amashanyarazi u Rwanda rufite ni make kandi hari ahantu henshi atagera;

Ikiguzi cy'amashanyarazi gihanitse;

Ibyo ubushakashatsi mu rwego rw'ingufu bugeraho ntibishyirwa mu bikorwa.

***2.6.1.3. Intego***

PDC igamije kongera ingufu u Rwanda rusanganwe no gukangurira abanyarwanda gukoresha ingufu nshya.

***2.6.1.4. Ibigomba kwitabwaho***

Guteza imbere uburyo burondereza ibicanwa;

Guteganya izindi ngomero zabyara amashanyarazi ( Nyabarongo, Rusumo, ..) ndetse no ku migezi mito;

Gushishikariza abaturage izindi ngufu ( imirasire y'izuba, nyiramugengeri,..)

Kugena gahunda inoze yo gusaranganya amashanyarazi mu gihugu.

**2.6.2. Inyubako z' Amazi**

***2.6.2.1. Ibishingirwaho***

Hagenwe gahunda zo kugeza amazi meza ku baturage kandi ziracyakomeza. Mu murwa mukuru haracyari ikibazo gikomeye cy'amazi. Mu cyaro naho hari uturere dukennye amazi bikabije nk'Umutara, Bugesera, Amayaga, ...

***2.6.2.2. Ibibazo n'inzitizi***

Haba mu cyaro haba mu mijyi, amazi ntaragera kuri bose;

Amazi y'u Rwanda yaba ay'imvura cyangwa ay'imigezi, amenshi aducika ntacyo atumariye.

***2.6.2.3. Intego***

PDC igamije kugeza amazi meza ku banyarwanda bose no gukoresha amazi neza.

***2.6.2.4. Ibigomba kwitabwaho***

Gukangurira abanyarwanda kuzigama amazi u Rwanda rufite , gufata amazi y'imvura, gukoresha neza amazi y'imigezi, ibiyaga no kuyabyaza umusaruro mu buhinzi, mu bworozi, mu mashanyarazi ...

Kugena gahunda yo gukwiza amazi meza mu byaro no mu mijyi, abaturage bakagira uruhare mu guca imiyoboro y'amazi;

Gushaka abashoramari mu gukwirakwiza amazi meza;

Kubyaza amazi ingufu z'amashanyarazi aho bishoboka.

Kurwanya ikintu cyose cyanduza amazi aho ava akagera.

### 2.6.3. Itumanaho

#### *2.6.3.1. Ibishingirwaho*

Uretse mu nkengero y'ikiyaga cya Kivu utundi duce twose duhujwe n'imihanda ya kaburimbo. Muri buri Ntara naho ahari imihanda y'ubutaka ihuza Uturere ndetse n'Imirenge hari gahunda ziteganijwe zo gusana imihanda ya kaburimbo yangiritse no gukora indi.

Habonetse ubundi buryo bwo gutumanaho kuri telefoni zari zisanzwe ari bwo terefoni z'umuyaga, izigendanwa n'izikorana n'ibyogajuru. Bityo mu duce twinshi tw'igihugu bashobora kuvugana nta nkomyi. Hari kandi n'itumanaho rikoresha internet rimaze gutera intambwe ishimishije.

Hashyizweho itegeko rigenga itumanaho .

#### *2.6.3.2. Ibibazo n'inzitizi*

U Rwanda rufite imihanda myinshi ugereranyije n'uko rungana, ariko myinshi muri yo yarangiritse . Hari ikenewe gusubirwamo, hari n'ikeneye kwagurwa no kwitabwaho bisanzwe ariko bihoraho.;

Nta gari ya moshi iba mu Rwanda;

Imigezi y'u Rwanda n'ibiyaga ntibikoreshwa mu rwego rw'ubuhahirane n'itumanaho.

#### *2.6.3.3. Intego*

PDC igamije guteza imbere uburyo bwose bw'itumanaho no gushishikariza abanyarwanda kubwifashisha mu mirimo no mu mibereho yabo ya buri munsi.

#### *2.6.3.4. Ibigomba kwitabwaho*

Gahunda ihoraho yo gusana imihanda ya kaburimbo yangiritse no kuyongera;

Kwita ku mihanda y'icyaro ifitiye inyungu benshi ;

Gushishikariza inzego z'ibanze n'abaturage kwita ku mihanda ihuza-Imirenge ;

Kuvugurura imkorere y'ikigega cyo gusana imihanda ;

Kwihutisha umushinga wa gari ya moshi iva ISAKA muri gihugu cya TANZANIYA;

Kwiga uko imigezi n'ibiyaga byabera abaturage uburyo bwo gutumanaho, guhahirana no gusabana;

Kugena uburyo bwo gukwirakwiza telefoni mu byaro hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho.

## 2.7. Ishoramari n'igenamigambi

### 2.7.1. Ibishingirwaho

Gukangurira abanyarwanda kugira gahunda ihamye kandi ifite icyerecyezo, bafatanya na Leta gushyira no gushyigikira gahunda yo kurwanya ubukene na gahunda y' iterambere mu bihe biri imbere.

Ishoramari naryo riracyafite intera ndende ariko umurongo wa politiki n'ingamba zerekeye ishoramari nabyo byarateguwe . Hanashyizweho ikigo cyo guteza imbere ishoramari ( RIPA )

Hashyizweho urwego ruhuza Leta n'abikorera ku giti cyabo ruzafasha kujya barebera hamwe uruhare rwa buri wese no kungurana ibitekerezo ku bibazo bihari no gushakira hamwe ibisubizo;

Ubu harakorwa urutonde rw'ibintu biri mu Rwanda byakurura abashoramari;

Mu Rwanda hatekerejwe gahunda zinyuranye zo gushishikariza abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga gushora imari yabo mu bikorwa by'amajyambere. Muri zo twavuga kuboneza uburyo bwo gutanga amasoko , bwo gusoresha , kugenzura imikoreshereze y'imari ya Leta , kwegurira abikorera bimwe mu byakorwaga na Leta, n'ibindi. Zimwe muri izo gahunda zatanze umusaruro ushimishije ariko haracyabura byinshi.

### 2.7.2. Ibibazo n'inzitizi

Benshi mu bayobozi b'Utugari n'Imirenge bakeneye guhugurwa ku igenamigambi, ku itegurwa ry'imishinga, kuyikurikirana, no ku mirimo bashinzwe.

Inyungu ku nguzanyo ku ma banki ziri hejuru.

Abanyarwanda benshi ntibazi akamaro ko kuzigama no gufata ubwishingizi.

Hakorwa inama nyinshi haba ku rwego rw'igihugu na mpuzamahanga, ariko ntibikurikiranwa uko bikwiye ngo havemo porogaramu z'iterambere.

### 2.7.3. Intego

PDC igamije guteza imbere urwego rw'ishoramari rishingiye ku igenamigambi rihamye ryerekana ibikorwa byihutirwa kurusha ibindi.

### 2.7.4. Ibigomba kwitabwaho

Kwamamaza ibintu u Rwanda rufite byakurura abashoramari.

Gusobanurira abaturage gahunda y'igihugu kugira ngo bamenye icyerekezo abayobozi babaganishamo.

Gushyiraho ikigega mu rwego rwa buri Ntara cyajya cyunganira abadafite ubushobozi bwo gukora inyigo y'umushinga wunguka.

Gufasha abikorera ku giti cyabo kubona inguzanyo zidahenze kandi zimara igihe kirekire.

Gushishikariza abashoramari b'abanyarwanda kwifatanya n'abanyemari b'abanyamahanga babizobereyemo bityo hagakorwa imishinga minini.

Gushyiiraho politiki yo gukurura abashoramari b'abanyamahanga , harimo no kuborohereza gufata ubwenegihugu nyarwanda;

Gusaranganya ibikorwa bya kijyambere mu duce twose tw'igihugu hitawe ku mwihariko wa buri hantu;

Gushyigikira ko umushinga w'ishoramari wakongererwa igihe cyo gukora.

## 2.8. Imari y'Igihugu n'umusoro

### 2.8.1. Ibishingirwaho

Igice kinini cy'ingengo y'imari igihugu gikoresha iva hanze kandi dufite imyenda myinshi, rimwe na rimwe abaterankunga barekura amafaranga bigoranye, bigatuma gahunda z'ingenzi zidashyirwa mu bikorwa uko byateganijwe.

Amafaranga agenewe ishoramari aba make, ugasanga kandi abaterankunga batanga amafaranga yo gukora inama no gukora inyigo y'imishinga. Imyanzuro iva muri izo nama kenshi usanga ari myiza , ariko akenshi ntishyirwa mu bikorwa uko yateganijwe kandi n'amafaranga yagombaga gutunganya ibikorwa ugasanga aratangwa mu mpuguke, mu mamodoka n'inama zinyuranye.

Imiryango nka Banki y'Isi n'Ikigega mpuzamahanga gikurikirana iby'amafaraga bijya bishyira amananiza ku Rwanda . Icyakora iyo miryango imaze gukurikirana uko u Rwanda rwubahiriza amasezerano bagiranye , hafashwe icyemezo cyo kurugabanyiriza imyenda .

Mu Rwanda kandi hashyizweho ikigega cyo guteza imbere uturere ( CDF ), ikigo gishinzwe kwinjiza imisoro ( RRA ), kandi n'amategeko agenga imisoro yaravuguruwe.

Hashyizweho urwego rw'Ubugenzuzi bw'imari ya Leta ( OAG ).

### 2.8.2. Ibibazo n'inzitizi

Amafaranga menshi yo mu mishinga rimwe na rimwe ntakoreshwa neza kandi abaturage ntibasobanukiwe bihagije uruhare rwabo mu micungire n'imikoreshereze y'amafaranga yo mu mishinga , kandi akenshi aba ari inguzanyo bazishyura;

Amafaranga ava mu miryango itegamiye kuri Leta ( ONG ) ntagenzurwa bihagije na Leta;

Imicungire y'amafaranga mu bigo bimwe bya Leta ntinoze kandi n'abayobozi bamwe ntibakora raporo neza.

#### 2.8.3. Intego

PDC igamije kongera ibikorwa byongera imari, kunoza politiki y'imisoro no gukurikirana imicungire myiza y'imari muri rusange n'amafaranga y'abaturage by'umwihariko.

#### 2.8.4. Ibigomba kwitabwaho

Gushyira ingufu mu mu gusobanurira abaturage akamaro ka AGACIRO DEVELOPMENT FUND hagamijwe guhashya ubukene no kwiteza imbere.

Guhashya abanyereza umutungo w'igihugu bagahanwa by'intangarugero, no kugenzura ifaranga ryose rya Leta risohotse.

Kunoza politiki y'imisoro no gusobanura akamaro kayo;

Gushyiraho poitiki y'imari ishingiye ku musaruro w'abenegihugu, inguzanyo ikaza ari inyongera;

Gushyigikira ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati ya Leta n'imiryango nterankunga

Gusuzuma buri mwaka raporo y'imikoreshereze y'imari ya Leta itangwa n'ibiro by'umugenzuzi mukuru w'imari, kandi bigasobanurirwa abaturage;

Gukurikirana imyanzuro y'amasezerano mpuzamahanga;

Gushishikariza abacuruzi gushora imari mu cyaro no guteza imbere za centres de négoces;

Kwigisha abaturage uburyo bwo kuzigama no kwiteganyiriza kuko abenshi bapfusha ubusa uduke bafite kubera ubujiji no kudasobanukirwa.

### 2.9. Ubukerarugendo

#### 2.9.1. Ibishingirwaho

Igihugu cyacu cyitaye ku bukerarugendo, cyabaruye ahantu nyaburanga henshi kandi gifite gahunda yo gutunganya ahantu hose hagenewe za pariki n'ibyanya.

Umuco wacu watejwe imbere , abanyabugeni bakora ibintu bishimishije, kandi n'imihindagurikire y'ikirere cy'u Rwanda ntikanga ba mukerarugendo.

#### 2.9.2. Ibibazo n'inzitizi

Nta mpuguke mu byerekeye ubukerarugendo dufite kandi n'abakozi ndetse n'abaturage muri rusange ntibahuguwe bihagije;

Ibiciro by'indege n'iby'itumanaho muri rusange birahenda;

Ibyiza bitatse u Rwanda ntibizwi neza;

#### 2.9.3. Intego

PDC igamije guteza imbere ubukerarugendo ku buryo bwagira uruhare mu mizamukire y'ubukungu n'iterambere ry'igihugu.

#### 2.9.4. Ibigomba kwitabwaho

Guhugura abakozi bo mu bukerarugendo n'abaturage muri rusange;

Kongera ibikorwa remezo n'ibindi bikorwa bituma abakerarugendo bagubwa neza;

ibibuga by'indege , imihanda , agences de voyage, amahoteri , amakarita n'ibindi ....

Kongera ibikorwa by'imyidagaduro ku butaka no mu mazi;

Gukomeza gushakisha ahantu hose nyaburanga no kuhatunganya ;

Gushishikariza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu bukerarugendo;

Kwamamaza ibitatse u Rwanda ku banyamahanga ndetse n'abenegihugu ( amakarita, ibitabo, dépliants, médias, etc... );

Kongera ibikorwa by'ubukerarugendo binyuranye , ntibushingire gusa kuri za pariki n'ahantu nyaburanga, ahubwo bukagura amarembo bukorwa no mu rwego rw'umuco, ubushakashatsi, ubumenyi n'ibindi;

Gushora igice cy'amafaranga ava muri za pariki mu bikorwa by'iterambere mu duce pariki zirimo kugira ngo abaturage barusheho kuzubaha no kubungabunga ubusugire bwazo;

Gushinga no gushyigikira amashuri y'ubukerarugendo, byaba ngombwa abantu bakoroherezwa kwiga no kwihugura aho ubukerarugendo bwateye imbere.

# 3. URWEGO RW'UBUREZI, URUBYIRUKO, UMUCO N'UBUSHAKASHATSI

## 3.1. Uburezi

#### 3.1.1. Ibishingirwaho

Leta y'u Rwanda yihatiye kwigisha abanyarwanda cyane cyane mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, ndetse n'amashuri makuru ari aya Leta ari n'ayigenga. U Rwanda kandi rwemeye politiki mpuzamahanga y'uburezi kuri bose ( éducation pour tous ),kandi rwatangiye kuyishyira mu bikorwa. Abanyeshuri bariyongereye cyane mu byiciro byose . Hateganijwe kandi ko kwiga amashuri abanza n'ayisumbuye ari itegeko ku bana bose, kandi akigirwa ubuntu.

#### 3.1.2. Ibibazo n'inzitizi

-Amashuri ntahagije, Usanga abanyeshuri benshi mu ishuri rimwe, umwarimu adashobora kwigisha uko bikwiye;

-Amashuri amwe ntiyujuje ibyangombwa byose bikenerwa ( ibitabo, laboratoires, amashanyarazi, ... );

-Amashuri ya 12 YBE adahagije mu duce twose tw'igihugu, ku buryo bisaba abana gukora ingendo ndende;

-Imyigishirize mu mashuri amwe n'amwe ntitanga ubushobozi bwo kujya muri za Kaminuza no gukora akazi (abarangije 12 YBE bafite amanota make);

-Ishyirwaho ry'amashuri amwe ntirishingira ku byo igihugu gikeneye (isoko ry'umurimo );

-Amikoro make y'igihugu adindiza uburezi;

-Hari imyifatire mibi y'abanyeshuri mu mashuri amwe n'amwe (abanywa ibiyobyabwenge n'abatwara inda z'indaro);

-Abarimu badafite impamyabushobozi kandi bize uburezi baracyari benshi;

-Kaminuza zimwe ntizifite ibikoresho bihagije ndetse n'abarimu ( laboratoire, inzu y'ibitabo .);

-Internet itaragera mu bice byose by'igihugu ni imbogamizi mu kwigisha ikoranabuhanga.

### 3.1.3. Intego

PDC igamije kwigisha abanyarwanda bose bagasobanukirwa n'ibibazo by'igihugu bakagira ubushobozi bwo kwihangira imirimo, kubana neza n'abandi, gukomera ku muco nyarwanda, no gupiganira ku masoko y'umurimo mu Rwanda no mu rwego mpuzamahanga.

### 3.1.4. Ibigomba gukorwa

-Guteza imbere uburezi bushingiye ku bumenyi bwujuje ibipimongero mpuzamahanga bikwiye, haboneka imirimo ishingiye ku myuga inyuranye;

-Guha abanyarwanda ubumenyingiro, bufasha kwihangira imirimo;

-Kwigisha imigenzo myiza ishingiye ku muco w'abanyarwanda ;

-Gushishikariza abikorera ku giti cyabo n'abaterankunga kubaka amashuri ahagije y'ingeri zose kandi yujuje ibisabwa;

-Gushishikariza abahanga kwandika ibitabo bigomba gukoreshwa mu mashuri;

-Gukwirakwiza mu mashuri yose za mudasobwa.

-Kongera umurego wo kwigisha mu mashuri uburere mboneramuco nyarwanda, no gukunda igihugu;

-Kongera amashuri yigisha siporo n'iby'ingororangingo no gukundisha abana imikino;

-Kunononsora no kwita ku myigishirize ya tekiniki no kongera amahugurwa ku barangije amashuri y'imyuga;

-Guha agaciro amasomo y'ikinyarwanda, igifaransa n'icyongereza mu mashuri yose;

## 3.2. Urubyiruko

### 3.2.1. Ibishingirwaho

Umubare munini w'abanyarwanda ntibarageza ku myaka 18. Ni ukuvuga ko umubare munini w'abaturage ari urubyiruko. Hashyizweho Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Ibigo bishinzwe kuruhugura.

Urubyiruko rurahagarariwe mu buyobozi bw'inzego z'ibanze no mu Nteko Ishinga Amategeko.

Hateguwe gahunda nyinshi zo gukangurira urubyiruko umurimo, imikino n'imyidagaduro.

### 3.2.2. Ibibazo n'inzitizi

-Haracyari urubyiruko ruta ishuri kare kubera ubukene n'izindi mpamvu zinyuranye;

-Imyuga ntiyigishijwe bihagije mu rubyiruko;

-Urubyiruko rw'inzererezi rukunze kugaragara mu mijyi ruriyongera buri munsi;

-Urubyiruko rumwe na rumwe rwatwawe n'ibiyobyabwenge;

-Haracyariurubyiruko rutazi gusoma no kwandika;

-Bamwe mu rubyiruko bazahajwe n'indwara z'ibyorezo birimo na SIDA;

-Benshi mu rubyiruko ntibafite imirimo yunguka kandi ihoraho.

### 3.2.3. Intego

PDC igamije kwita ku buzima, uburere n'ubumenyi bw'urubyiruko, no kurutoza imico myiza kugira ngo rugire ubushobozi bwo gukorera igihugu, kugikunda no kucyitangira.

### 3.2.4. Ibigomba gukorwa

-Gukangurira urubyiruko umurimo;

-Kwita ku buzima bw'abana no kubashakira amashuri, hibandwa ku y'imyuga n'ikoranabuhanga ;

-Kurinda umwana ibintu byose bimuhungabanya cyangwa bimuhohotera;

-Kurinda urubyiruko indwara zose z'ibyorezo cyane cyane VIH/SIDA;

-Kwita ku rubyiruko rutashoboye kujya mu mashuri yisumbuye, hashyirwaho amashuri yo kubajijura no kubigisha imyuga;

-Gutoza urubyiruko imico myiza ya kinyarwanda no kwamagana imyifatire mibi y'urubyiruko: imyambarire mibi, ibiyobyabwenge, amashusho ateye isoni, ibitaramo bigayitse, n'ibindi;

-Kwigisha urubyiruko umuco mwiza w'amahoro, ubworoherane no kubana kivandimwe, kwirinda irondakoko n'ibindi byose byateje jenoside yakorewe abatutsi muri 1994;

-Guteza imbere ubuhanzi n'imikino y'ingeri zose;

-Gushyiraho ikigega cyo guteza imbere urubyiruko.

## 3.3. Umuco

### 3.3.1. Ibishingirwaho

Umuco ni inkingi y'imyitwarire myiza nyarwanda nk'ubupfura, kwanga umugayo, ....
Leta yashyizeho inzego zishinzwe kubungabunga no guteza imbere umuco. Ubu hari ibikorwa byinshi birimo inzu ndangamurage, urugerero, amatorero anyuranye, n'ibindi.
Itegeko Nshinga riteganya Inteko y'Umuco w'u Rwanda kandi ubu yagiyeho.

### 3.3.2. Ibibazo n'inzitizi

-Umuco nyarwanda wakunze kuganzwa n'imico y'abanyamahanga cyane cyane mu mijyi, bityo inkingi remezo zawo zirajegajega;
-Ururimi rw'ikinyarwanda rwivanze bikabije n'indimi z'amahanga;
-Umuco w'abanyarwanda ntiwakunze kwigishwa mu mashuri;
-Mu muco nyarwanda harimo imigenzo ikwiye kuvugururwa cyangwa kuvaho;
-Hari abantu batinda cyangwa badakunda guhindura imyitwarire.

### 3.3.3. Intego

PDC igamije guteza imbere umuco nyarwanda wo shingiro ry'imibanire myiza n'ubusabane mu banyarwanda n'iterembere rirambye.

### 3.3.4. Ibigomba gukorwa

-Gushyigikira amashyirahamwe n'ibigo bifite inshingano zo guteza imbere umuco;
-Gushyira mu nteganyanyigisho z'amashuri inyigisho ku muco w'u Rwanda;
-Guteza imbere ubushakashatsi ku muco nyarwanda no ku rurimi rw'ikinyarwanda;
-Guteza imbere ibikorwa bigamije gushimangira umuco nyarwanda mu turere twose tw'igihugu;
-Gushyigikira ishoramari mu bikorwa biteza imbere umuco no kuwushyira mu byiza bikurura abakerarugendo;
-Gukangurira abanyarwnda guhindura imyumvire ku bintu bibafitiye inyungu.

## 3.4 Ubushakashatsi

### 3.4.1. Ibishingirwaho

Hashyizweho ibigo by'ubushakashatsi binyuranye mu by'ubuhinzi, ingufu, imiti ya kinyarwanda, ubuvanganzo n'ibindi, ariko ibyagezweho n'ubushakashatsi bishyirwa mu bikorwa mu turere tumwe na tumwe tw'igihugu.

#### 3.4.2. Ibibazo n'inzitizi

-Ubushakashatsi ntibuteganyirizwa ingengo y'imari ihagije;

-Ubushakashatsi ntiburatera intambwe ishimishije;

-Ibyo ubushakashatsi bwagezeho ntibirakwirakwizwa bihagije;

-Nta nzobere zihagije mu bushakashatsi;

-Abashakashatsi binubira ko batitaweho bihagije;

-Nta politiki ya *biotechnologie* iriho;

-Ibikorwa by'ubushakashatsi bitanga ibyagezweho ( *résultats* )bitinze.

-Hashyizweho Kaminuza nyinshi ariko abazisohokamo benshi nta bumenyingiro baba bafite.

#### 3.4.3. Intego

PDC igamije guteza imbere ubushakashatsi bw'ingeri zose bugamije kongera umusaruro n'imibereho myiza y'abaturage.

#### 3.4.4. Ibigomba gukorwa

-Kongerera ubushobozi abenegihugu no gushishikariza abashakashatsi umwuga wabo;

-Gushyigikira ko ubushakashatsi bwatezwa imbere mu ngeri zose .

-Gushyira mu bikorwa ibyagezweho n'abashakashatsi ( vulgarisation);

-Gufasha abashakashatsi gutangaza ibyo bagezeho no kuborohereza mu ngendoshuri;

-Guteza imbere ubufatanye hagati y'ibigo by'ubushakashatsi byo hanze n'ibyo mu gihugu;

-Gushishikariza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu bushakashatsi;

-Gukora urutonde rw'ibyihutirwa mu rwego rw'ubushakashatsi;

-Gushyiraho politiki ya biotechnologie.

## 4. URWEGO RW'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

### 4.1. Umuryango

#### 4.1.1. Ibishingirwaho

U Rwanda rufite ubucukike bw'abaturage buri hejuru ugereranyije n'ibindi bihugu by'Afurika, kandi abaturage bariyongera cyane buri mwaka.

Hashyizweho politiki mu byerekeye kubaka imiryango nyarwanda.

Hari byinshi bikorwa mu rwego rwo kuboneza urubyaro kugira umuryango ubyare abo ushoboye kurera no kubonera ibindi byangombwa bikenerwa (amashuri,ubuvuzi).

#### 4.1.2. Ibibazo n'inzitizi

Umuryango nyarwanda warahungabanye kubera jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, ndetse hakagaragara n'ingaruka ku miryango: hari iyapfushije abantu benshi, hari icungwa n'abagore

n'abana, hari ikennye cyane. Hari kandi n'ababana n'ubumuga, abapfakazi ndetse n'abageze mu za bukuru badafite abo biyambaza.

Hari ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'ubwiyongere bw'umusaruro. Nta biganiro bihagije ( dialogue ) hagati y'ababyeyi n'abana.

Mu mijyi abakozi bakunze kurekera abakozi bo mu rugo uburere bw'abana;

Abantu ntibarasobanukirwa neza amategeko agenga umuryango abarengera;

Hacyagaragara abana batarererwa mu miryango;

Ihohoterwa mu muryango nyarwanda;

Hari abantu benshi batazi gusoma no kwandika;

Abarangiza kwiga ni benshi ugereranyije n'isoko ry'umurimo.

Ubwicanyi mu miryango budasobanutse.

**4.1.3. Intego**

PDC igamije kubaka imiryango nyarwanda no kuyigira igicumbi cy'ubumuntu n'ihuriro ry'abantu kugira ngo ishobore kwiteza imbere no kubyaza umusaruro, abaturage benshi bakaba ingufu aho kuba ibibazo.

**4.1.4. Ibigomba gukorwa**

Gutanga inyigisho zihoraho zigamije gusana imitima y'abanyarwanda;

gukomeza gutera inkunga abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi muri mata 1994,

Gushishikariza abanyarwanda gutera inkunga abatishoboye,

Gushishikariza abanyarwanda gukorana n'amabanki kugira ngo barusheho kwiteza imbere;

Gukurikiranira hafi iyubahirizwa ry'amategeko agenga umuryango;no kuyirinda ibibazo by'ingutu bituma itabaho neza.

Gukangurira no guhugura abashakanye kubyara abo bashoboye kurera binyujijwe mumadini n'imiryango itegamiye kuri Leta;

Gushishikariza abanyarwanda umuco mwiza wo kwakira abana bafite ibibazo mumiryango yabo;

Gukora gahunda zihariye zo kwita ku mfubyi ,abapfakazi,ababana n'ubumuga,abana bibana no kubegera kugirango ubuzima bwabo budahungabana kandi bumve ko ari ingirakamaro mu gihugu.

Gukangurira abanyemari b'abanyarwanda kugira uruhare rugaragara mu kuzamura abatishoboye no gushyiraho gahunda inoze yo kurinda abagore umuco wo kuzerereza ibicuruzwa mu mihanda n'ahandi hadashobotse.

Gutegura gahunda zihamye zo kwigisha abatazi gusoma no kwandika;

Kurwanya ihohoterwa ku byiciro byose;

Gushishikariza urubyiruko gutinyuka kwihangira imrimo.

## 4.2. Ubuzima

### 4.2.1. Ibishingirwaho

Imibare yo muri 2012 yerekana ko amizero y'ubuzima bw'umunyarwanda agenda azamuka kubera ko umubare w'abandura SIDA ugenda ugabanuka n'imfu z'abana n'abagore nazo zigabanuka.

Hari indwara ziterambere zikomeje kuzahaza imiryango nyarwanda: umutima, cancer, diabete, umuvuduko ukabije w'amaraso,...Hari indwara z'imirire mibi zidindiza imikurire y'abana nazo zigenda zibonerwa ibisubizo. Hari kandi n'izindi ndwara ziboneka cyane mumavuriro zikazahaza abaturage: mugiga, korera, impiswi, indwara z'imyamya y'ubuhumekero n'igituntu.

Leta yitaye ku buzima ishyiraho gahunda zihariye zo kugabanya indwara.

Hashyizweho gahunda y'ubwisungane n'ubwishingizi mu buvuzi kugirango abaturage benshi bashobore kwivuza (mutuelles de santé,RAMA,Mediplan....)

Hashyizweho abakangurambaga b'ubuzima mu mirenge n'utugari.

Ababyeyi batwite bakanguriwe kwipimisha no gukurikirana ibiganiro mu bigo nderabuzima na mbonezamirire.

Leta irakora ibishoboka byose kugirango ikoranabuhanga ritera imbere mu rwego rw'ubuvuzi.

Hariho gahunda zo gukingira indwara zizahaza abana.

Abarwayi ba SIDA babona imiti ibagabanyiriza ubukana.

### 4.2.2. Ibibazo n'inzitizi

Hari imirire mibi igaragara mu baturage ,

Ibitaro , ibigo nderabuzima, amavuriro na za farumasi biracyari bike kandi nta baganga b'inzobere bahagije ugereranyije n'umubare w'abaturage bakeneye izo servisi;

Abaturage benshi ntibitabira gahunda y'ubwisungane mu kwivuza.

SIDA indwara itagira umuti n'urukingo n'ubwo itiyongera ariko ibangamiye imibereho myiza;

Amazi meza ntaragera kuri bose, kandi hamwe na hamwe haracyari abaturage bagaragaza isuku nke ku mubiri, ku biribwa , ku myambaro,ahafatirwa amafunguro,n'ahandi hacururizwa ibiryo n'ibinyobwa.....

Ubwiherero rusange ni buke, n'ubuhari ntibufatwa neza;kandi n'amazi yakoreshwejwe ntacyo akorwaho mbere yuko yoherezwa mu migezi .

Ibiyobyabwenge murubyiruko;inda z'indaro murubyiruko;

#### 4.2.3. Intego

PDC igamije gufasha abaturage kugira ubuzima buzira umuze no kwirinda indwara z'ibyorezo kugira ngo bashobore kwiteza imbere.

#### 4.2.4. Ibigomba gukorwa

Kwigisha abaturage no kubongerera ubushobozi bwo kugira isuku yo soko y'ubuzima ( ku mubiri, aho batuye, mu byo barya, .. );

Kongera umubare w'ibitaro, ibigo nderabuzima, farumasi bikagezwa kurwego rwaburi murenge;

Korohereza abaturage bose uburyo bwo kwivuza hagabanywa ibiciro by'imirimo ikorerwa abarwayi kwa muganga;

Gushishikariza abaturage bose kwitabira gahunda zinyuranye z'ubwisungane mu kwivuza ( mutuelles de santé, n'izindi);

Kongera umubare w'abavuzi no kubakangurira gukunda umwuga wabo;

Gukangurira abantu kurwanya icyorezo cya SIDA cyane cyane , tutibagiwe n'izindindwara z'ibyorezo , no kwigisha abaturage kwivuza hakiri kare indwara ziganje mu karere nka malariya, igituntu, mugiga, inzoka, ibibembe, ....

Guteza imbere ubuvuzi bwa gakondo ku buryo imiti yamenyekana neza kandi abantu bagasobanukirwa uburyo bwo kuyivurisha;

Gushishikariza ababyeyi batwite gahunda yo kwikingiza;

Gukangurira imiryango cyane cyane urubyiruko gahunda z'ubuzima bw'imyororokere;

Kubahiriza uburenganzira bw'ababana n'ubwandu bwa SIDA no kuborohereza kuvurwa;

Gushyiraho gahunda zo kurwanya ibiyobyabwenge.

### 4.3. Imiturire

#### 4.3.1. Ibishingirwaho

Politiki yo gutura mu midugudu yarateguwe; Ibishushanyo mbonera by'imijyi imwe n'imwe.

#### 4.3.2. Ibibazo n'inzitizi

Abaturage ntibaritabira bishimishije gahunda yo gutura mu midugudu;ndetse bamwe nta bushobozi bafite bwo kwiyubakira inzu.

Igenzura ry'imyubakire mu mijyi no mu cyaro ntirikorwa ngo ibikosorwa bikosorwe hakiri kare; kuko usanga abantu bakiyubakira mu kajagari.

Abosore b'ahashyizwe mu mugi hicyaro bafite ibibazo byo gushaka kuko batemererwa kubaka uko babonye kandi ntabushobozi bafite.

Mumijyi ntibitabira inyubako zijya hejuru no kubaka inzu zikomatanyije kandi imyanya yo kubaka ari mito;

Inyubako zidateganyiriza inzira ababana n'ubumuga.

#### 4.3.3. Intego

PDC igamije : Gushishikariza abaturage gutura neza kandi heza hakoreshwa neza ubutaka bwagenewe inyubako.

#### 4.3.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira abaturage kugira ubwizigame kumacumbi;

Gukangurira abaturage gutura hanwe ku buryo bashobora kwegerezwa ibikorwa shingiro: imihanda, amazi, umuriro, amashuri, amavuriro, itumanaho n'ibindi.

Kubaka hakurikijwe ibishushanyo mbonera;

Gukora ku buryo ibikoresho by'ubwubatsi bigera ku baturage bihendutse;

Kongerera ubushobozi inzego zishinzwe igenzura ry'imyubakire;

Gushishikariza abashoramari mu bwubatsi no korohereza abantu kwishyura buhoro buhoro amacumbi bagurijwe ( location vente );

Gukangurira abantu kubaka amazi yo hejuru (etages) murwego rwo gukoresha neza ubuso bw'ubutaka bwagenewe kubaka;

Gushishikariza abubatsi guteganya inzira z'abana n'ubumuga;

Kubaka inzira z'abanyamaguru mu rwego rwo kubahiriza umutekano wabo mumuhanda.

### 4.4. Amadini

#### 4.4.1. Ibishingirwaho

Hashingiwe ku burenganzira bwo kwihitiramo idini, amadini amaze kuba menshi mu Rwanda, kandi imikorere n'imitunganyirize yayo igengwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe imiyoborere (RGB);

Amadini afite uruhare runini mu iterambere ry'igihugu.

#### 4.4.2. Ibibazo n'inzitizi

Ibibazo by'ubwumvikane buke mu madini amwe n'amwe.

#### 4.4.3. Intego

PDC igamije gutuma amadini agira uruhare mu iterambere ry'igihugu,kandi akubahiriza amategeko ndetse akaba n'indiri y'ubusabane n'indi migenzo myiza ituma umuntu agororokera Imana na bagenzi be.

#### 4.4.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira amadini kwitabira ibikorwa by'iterambere;

Gushimangira imikoranire myiza hagati y'inzego za Leta n'amadini;

Gukora igishoboka cyose kugira ngo idini ribe ishingiro ry'imyubakire y'ubumuntu n'ubuvandimwe hagati y'abanyarwanda n'isoko yo guteza imbere indangagaciro y'ubumuntu.

## 4.5. Imibereho yihariye

### 4.5.1. Ababana n'ubumuga

#### 4.5.1.1. Ibishingirwaho

Itegeko Nshinga ry'u Rwanda riha agaciro ababana n'ubumuga. Politiki zo kwita kubabana n'ubumuga zashyizweho. Hashyizweho kandi n'inama nkuru y'ababana n'ubumuga.

#### 4.5.1.2. Ibibazo n'inzitizi

Amashuri n'ibigo by'ababana n'ubumuga biracyari bike;

Imyubakire n'ibikorwa remezo ntibyita ku babana n'ubumuga;

Imyumvire y'abanyarwanda ku gaciro k'ababana n'ubumuga iracyari hasi;

Hari ababana n'ubumuga bagihishwa mumuryango nyarwanda;

Ubuvuzi bushingiye ku bugororangingo burahenze, ntiburi mumavuriro yose cyane cyane ayo hasi;

Ibikoresho byabugenewe ni bike mu bigo n'amakoperative byita ku babana n'ubumuga, birahenze n'ababikoresha ntibabihugukiwe neza.

#### 4.5.1.3. Intego

PDC igamije gutuma ababana n'ubumuga bagira uburenganzira n'ubushobozi bungana nk'ubw'abandi.

#### 4.5.1.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira abaturage kumenya no guha agaciro uburenganzira ababana n'ubumuga no kubahiriza uburenganzira bwabo;

Gufasha ababana n'ubumuga kuva mu bwigunge no gukurikiranira hafi imibereho yabo muri rusange;

Kongera no guteza imbere ibigo n'amashuri by'ababana n'ubumuga;

Gukangurira ababana n'ubumuga gukora ibikorwa byabagenewe kugira ngo bagaragaze uruhare rwabo mu iterambere;

Kubakangurira kujya mu myuga igamije kubateza no kubaremera amashyirahamwe abyara inyungu;

Kuzirikana abamugaye mu gihe hategurwa imishinga y'ibikorwa remezo.

Gushyiraho gahunda iboneye yo gufasha ababana n'ubumuga kubona kuburyo budahenze ibikoresho bibafasha mu burwayi bwabo.

**4.5.2. Abageze mu zabukuru**

***4.5.2.1. Ibishingirwaho***

Hari imiryango imwe n'imwe n'abihaye Imana bakira abasheshe akanguhe batagira kivurira;

Itegeko nshinga riteganya kwita ku bageze mu zabukuru;

Politiki y'abageze mu zabukuru yarateguwe.

***4.5.2.2. Ibibazo n'inzitizi***

Ibyangombwa by'abakozi bageze mu zabukuru ntibitegurirwa igihe bigatuma basiragira kandi bakabona pansiyo batinze;

Ubumenyi n'ubunararibonye bwabo ntibukoreshwa bihagije;

Hari intera nini y'imyumvire hagati y'ababyiruka n'abageze mu za bukuru;

Hari abageze muzabukuru b'inshike;

Abageze muzabukuru ntabushobozi bwo kwivuza bafite kandi babikeneye.

***4.5.2.3. Intego***

PDC igamije kubungabunga ubuzima bw'abageze mu zabukuru no kubashakira imibereho myiza kuko bafite akamaro nk'inararibonye.

***4.5.2.4. Ibigomba gukorwa***

Gushishikariza abageze mu zabukuru kwitabira amakoperative y'ubuvuzi (mutuelle de santé);

Guteganya imirimo ijyanye n'ubushobozi n'imbaraga byabo;

Kubafasha kwibumbira  mu makoperative no gushyiraho imishinga bashoboye ibyara inyungu;

Kubamenyereza gukorana n'amabanki , kubashakira ikigega cy'ubwishingizi no gushaka amasoko y'ibikorwa byabo ( imishinga iciriritse );

Kubarinda ihohoterwa rishingiye ku kuvutswa uburenganzira ku mitungo yabo;

Gukangurira abakoresha gutanga buri gihe imisanzu y'umukozi mu isanduku yo kuzigama, kugira ngo najya muri pansiyo atazagira ibibazo;

Gushyiraho inzego zigamije kwiga ibibazo by'abageze muzabukuru;

Gukangurira abana kwita kubabyeyi babo bageze muzabukuru;

Abageze muzabukuru n'inshike batishoboye bakwiye gushakirwa uburyo bwo kwivuriza ubuntu;

Kunononsora amategeko yerekeye pansiyo.

## 4.6. Amakoperative n'imiryango itari iya Leta

### 4.6.1. Ibishingirwaho

Mu Rwanda hari amakoperative menshi mu ngeri zinyuranye kandi afite uruhare runini mu iterambere . Hari kandi n'imiryango inyuranye iteri iya Leta.

Hariho amategeko agenga iyo miryango n'amakoperative y'abageze muza bukuru

Hari kandi n'ibimena byinshi mungeri zose z'abaturage kandi bibafasha kwikemurira ibibazo.

Hari ikigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA).

### 4.6.2. Ibibazo n'inzitizi

Abanyarwanda ntibitabira neza kujya muma koperative;

Amakoperative amwe n'amwe ntiyubahiriza amategeko;

Imiryango myinshi acungira gusa ku nkunga , uruhare rw'abanyamuryango rukaba ruto;

Imicungire y'umutungo ntabwo inoze mu makoperative menshi.

### 4.6.3. Intego

PDC igamije ko imiryango itari iya Leta n'amakoperative biba imwe munzira zo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge no kongera imibereho myiza n'iterambere ry'igihugu.

### 4.6.4. Ibigomba gukorwa

Gushishikariza abaturage kwibumbira mu makoperative;

Gushyiraho politiki iboneye yo guteza imbere amakoperative;

Gukangurira amakoperative uruhare rwayo mu bukungu no mu mibereho myiza y'abaturage;

Kwigisha no guhugura abagize amakoperative uburyo bwo gutegura no gucunga imishinga, kwaka inguzanyo no gucunga neza umutungo;

Guterera inkunga no guhugura abanyamuryango b'amakoperative agaragaza umusaruro mu mikorere yayo kurusha ayandi;

Gushishikariza abaterankunga n'amabanki gushora imari mu bikorwa by'amashyirahamwe;

Gushyigikira ishyirwaho ry'ingaga z'imiryango n' amakoperative ihuje intego no gushyiraho urwego ruyahuza yose.

# 5. IBIHURIWEHO N'INZEGO NYINSHI

## 5.1. Uburinganire

### 5.1.1. Ibishingirwaho

Umubare w'abanyarwanda b'igitsina gore uruta uw'ab'igitsina gabo.

Hari Minisiteri y'Uburinganire ikaba urwego rwo guteguriramo politiki na porogaramu zerekeye uburinganire;

Hashyizweho ikigo kitwa Gender monitoring office (GMO) murwego rwo kugenzura ishyirwa mubikorwa ry'ihame ry'uburinganire.

Hashyizweho Inama y'Igihugu y'abagore n'inzego z'abari n'abagorenk'urwego rw'igihugu kugeza k'umudugudu;

Abagore bahagarariwe mu nzego zose z'ibanze no mu Nteko Ishinga Amategeko;

Hari ibigega biteza imbere abagore;

Hagiyeho amategeko aha umugore uburenganzira bwo kuzungura nka musaza we;

Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda rishyigikira ka nibura 30% ry'imyanya yo mu nzego zifatirwamo ibyemezo yahabwa abagore.

### 5.1.2. Ibibazo n'inzitizi

Kudasobanukirwa neza ihame ry'uburinganire bitera amakimbira hamwe na hamwe mu miryango ;

Hari imirimo imwe n'imwe abagore bataratinyuka gukora kubera kwitinya,

Umubare w'abakobwa barangiza Kaminuza nturagera ku rwego rushimishije;

Bamwe mu baturage ntibarasobanukirwa neza amategeko ariho ashyigikira uburinganire hagati y'abagore n'abagabo;

Umubare w'abagore batishoboye uracyari munini;

Haracyaboneka ihohoterwa mu muryango nyarwanda muri rusange ;

### 5.1.3. Intego

PDC igamije gukangurira abaturage kwitabira gahunda z'uburinganire n'ubwuzuzanye hagamijwe kuvanaho burundu ubusumbane bugaragara hagati y'umugabo n'umugore mu nzego zinyuranye.

### 5.1.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira abanyarwanda bose kurushaho kumva ko uburinganire ari inkingi y'iterambere ;

Kumenyekanisha amategeko arengera abari n'abategarugori cyane cyane ayagenga umuryango nyarwanda.

Gukangurira abari n'abategarugori gusezerera umuco mubi wo kwitinya, bakarushaho kwitabira umurimo n'ibikorwa byatuma bagira umutungo;

Gukangurira abari n'abategarugori kwitabira amashuri y'ingeri zose kugira ngo bashoboregupiganwa na basaza babo ku masoko y'imirimo;

Kongera umubare w'abari n'abategarugori mu mashuri yisumbuye na za Kaminuza;

Gushishikariza abana b'abakobwa kwitabira inyigisho,imyuga n'imirimo inyuranye ubusanzwe yihariwe n'abana b'abahungu kugira ngo na bo bagire amahirwe amwe;

Kurushaho gusobanurira abaturage amategeko ariho ashyigikira uburinganire bw'umugore n'umugabo kuiko hamwe na hamwe usanga ayo mategeko ahabwa ibisobanuro bitari byo;

Gushyigikira amakoperative n'ibigega by'abagore mu rwego rwo kubafasha kwiteza imbere;

Kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu miryango muri rusange;

Gukangurira abagore kwitabira kwiyamamariza imyanya y'ubuyobozi ( leadership );

Gukangurira abagabo gufasha abagore mu mirimo yo mu rugo isa n'aho yahariwe abagore;

Guteza imbere ikoranabuhanga ryongera umusaruro kandi rigabanya imvune y'abagore.

Gukangurira abagore bishoye mu buraya kubureka bakitabira imirimo ibahesha agaciro kandi ibateza imbere.

## 5.2. Ibidukikije

### 5.2.1. Ibishingirwaho

Mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije, mu Rwanda hari:

- Minisiteri ishinzwe ibidukikije
- Politiki yo kubungabunga amashyamba
-Politiki yo kubungabunga ibidukikije
- Ikigo gishinzwe kubungabunga ibidukikije (REMA)
- Amasezerano mpuzamahanga yerekeye ibidukikije u Rwanda rwemeye.

### 5.2.2. Ibibazo n'inzitizi

Imikoreshereze y'ubutaka idahwitse;

Abanyarwanda bose ntibaramenya kubungabunga amazi y'inzuzi n'ibiyaga ngo birinde kwoherezamo imyanda;

Gutwika imisozi n'amashyamba ari nabyo mpamvu y'igabanuka n'icyendera ry'ibinyabuzima bimwe na bimwe n'iyangirika ry'umutungo kamere riracyagaragara hamwe na hamwe;

Kwica inyamaswa zo mu gasozi nabyo biracyakorwa hamwe na hamwe ;

Itemwa ry'ibiti byo gucana cyangwa byo kubakisha kandi hakaba nta bindi bicanwa bisimbura inkwi;

Imicungire mibi y'amazi muri rusange yaba ay'imvura ayo mu bishanga;amasoko,imigezi n'ibiyaga.

Guhumanya ubutaka, ikirere n'amazi hakoreshejwe ibishingwe n'indi myanda yaba iyo mu ngo cyangwa mu nganda;

Imyanda yo mu ngo idatunganywa uko bikwiye ngo ibyazwemo undi mutungo wagirira abaturage akamaro;

Kwangiza ubutaka hubakwa amazu yo hasi gusa kandi hagombaga kubakwa amagorofa mu rwego rwo kurondereza ubutaka buke buhari;doreko menshi yubakwa ahari ubutaka buhingwa.

Haracyari abanyarwanda barekurira amatungo ku misozi akangiza ibidukikije;

Imikoreshereze idahwitse y'ibishanga ari nayo mpamvu y'ikamuka ry'ibiyaga n'imigezi;

Imiturire itatanye mu byaro n'isatagurwa rikabije ry'amasambu;

Imihindagurikire y'ibihe by'imvura, izuba n'ikirere ( changement climatique );

Ibibazo by'imicungire y'amazi y'imvura n'aturuka mu ngo;

Abubaka amagorofa bakoresheje ibiti byinshi ku bikwa ahakoreshwa ibyuma kandi ntibateganye uko amazi azakoreshwamo azasubizwa mu yandi.

Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro budakozwe neza bwangiza ku buryo bukabije ibidukikije n'imigezi.

### 5.2.3. Intego

PDC igamije kugena uburyo bunoze kandi buri wese afitemo uruhare bwo kurengera no kubungabunga ibidukikije nk'impano twahaweho umurage kandi twasigiwe n'abakurambere , natwe tugomba gusigira abadukomokaho itangiritse.

### 5.2.4. Ibigomba gukorwa

Gukangurira abanyarwanda bose kubaha politiki n'amategeko bigenga ubutaka n'ibidukikije;

Gukangurira abanyarwanda bose kubahiriza amategeko n'amabwiriza y'imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka;

Gukangurira abanyarwanda kumva ko mu byo bakora byose bagomba kwirinda ibyagira ingaruka mbi ku bidukikije;

Guhugura abaturage ubutitsa kugira ngo basobanukirwe n'akamaro ko kurengera no kubungabunga ibidukikije;

Gufasha no kwigisha abaturage kugira isuku y'aho batuye, aho bagenda n'aho bakorera;

Gukangurira abaturage kwamagana no kumenyesha ubuyobozi bubishinzwe inyangabirama zangiza ibidukikije;
Gutoza abaturage gukoresha ibikoresho bitari amashashi bidahumanya ibidukikije;
Gukangurira abaturage gutera ibiti ku misozi, ku mihanda, iruhande rw'ingo n'ibiti bivangwa n'imyaka mu mirima;
Gukangurira inzego za tekiniki zibishinzwe gusuzuma iyigaruhare ku bikorwa by'imishinga n'inganda byagira ku bidukikije;
Gukangurira abashoramari gutangiza ibikorwa byo guhindura bimwe mu bikoresho byakoreshejwe mo ibindi bishya ( recyclage des matériaux );
Guteza imbere inganda nto zitunganya imyanda iva mu ngo;
Gushyiraho ikigega cyo kurengera ibidukikije gihuriweho na Leta n'abikorera;
Guteza imbere ikoreshwa ry'izindi ngufu zitari inkwi;
Gushyiraho urwego rukurikirana ingaruka z'ibyago bikomoka ku ihungabana ry'ibidukikije;
Gushyiraho umusoro w'inyongera ku bakora ibikorwa bishobora guhumanya ibidukikije;
Gukumira imyanda ishobora guturuka hanze y'igihugu no kwirinda kuyoherezayo;
Gukangurira inzego z'ibanze, iz'urubyiruko n'iz'abari n'abategarugori uruhare rwazo mu kubungabunga ibidukikije;
Gushyiraho no gucunga ibimoteri rusange ;
Gutunganya za ruhurura zinyuzwamo amazi y'imvura mu mijyi no ku mihanda ;
Gukangurira abanyarwanda bose cyane cyane abo mu mujyi gucunga neza amazi akoreshwa mu ngo zabo n'asohokamo ku buryo atangiza ibidukikije;
Gushyiraho uburyo bunoze bwo gucunga imyanda iva mu ngo cyane cyane mu mijyi;
Gutera amoko mashya y'ibimera bifasha gufata neza ubutaka;
Gutegura no kurinda ahantu nyaburanga mu gihugu;
Gukangurira abanyarwanda gahunda nziza yo kororera mu biraro;
Gukangurira abanyarwanda kubaka amagorofa no kuyaturamo (appartements) mu rwego rwo kurondereza no gukoresha neza ubutaka buke buhari;
Gukoresha ibyuma mu kubaka amagorofa mu mwanya w'ibiti.

## 5.3. Ibyerekeye ICT

### 5.3.1. Ibishingirwaho

Muri ibi bihe isi yose yifuza gushingira ubukungu bwayo ku ikoranabuhanga n'itumanaho rigezweho ( ICT ), u Rwanda ntirugomba gusigara inyuma muri urwo ruhando.

Hashyizweho politiki ya ICT kandi hariho ibigo binyuranye biteza imbere urwo rwego.
Gahunda yo kwigisha ibyerekeye ICT iriho mu gihugu urugero ni nka One Lap Top by Child
Imisoro mu kwinjiza ibikoresho bya ICT yaragabanyijwe .

**5.3.2. Ibibazo n'inzitizi**

Abanyarwanda bamwe ntibabasha kugira uruhare ku ikoranabuhanga kubera kutamenya gusoma no kwandika;
Ibyuma kabuhariwe arizo mudasobwa ( ardinateurs ) ntibiragera ku babikenye bose kubera impamvu zitandukanye harimo n'amikoro make kuri bamwe;
Ingufu z'umuriro zikenewe mu gukoresha ICT ntizirakwirakwizwa mu turere twose tw'igihugu cyane cyane mu cyaro;
Ibigo by'ikoranabuhanga n'itumanaho biracyari bike mu Rwanda;
Amashuri yigisha itumanaho n'ikoranabuhanga rigezweho ntahagije ariko n'abayarangizamo bose ntibabasha kubona imirimo;kandi ntabumenyingiro buhagije baba bafite.

**5.3.3. Intego**

PDC igamije gukangurira abanyarwanda kwinjiza ICT mu bikorwa by'abanyarwanda bya buri munsi.

**5.3.4. Ibigomba gukorwa**

Gukwirakwiza za mudasobwa muri serivisi zose no guhugura abakozi mu byerekeye ikoranabuhanga rigezweho;
Gushishikariza abanyarwanda kwitabira gukoresha itumanaho rigezweho;
Gushyigikira ibigo bikwirakwiza ikoranabuhanga n'itumanaho rigezweho;
Kwinjiza muri porogaramu zo mu mashuri yose inyigisho zerekeye ikoranabuhanga rigezweho;
Gufasha abaturarwanda bose kurushaho kwitabira itumanaho n'ikoranabuhanga kuko ibyo ari ishingiro ry'ubukungu bw'igihugu no guteza imbere imibereho myiza y'abaturarwanda bose;
Kwihutisha ikwirakwizwa ry'ingufu z'amashanyarazi mu bice bitari iby'umujyi ;
Gukangurira urubyiruko rwarangije muri ICT kwegera amabanki rukaka inguzanyo mu rwego rwo gushyiraho ibigo by'ikorera mu bya ICT mu rwego rwo guteza imbere isakazwa ry'ikoranabuhanga mu gihugu;
Gukangurira amabanki kworoshya itangwa ry'inguzanyo ku mishinga yerekeranye na ICT
Gushimangira umubano mwiza n'ibigo byateye imbere muri ICT.

## V. UMWANZURO

Umuntu ni we bukungu bwa mbere bw'igihugu. Ni we rero ugomba kuba ishingiro ry'ibikorwa byose mu gihugu, haba mu rwego rwa politiki, urw'ubukungu cyangwa urw'imibereho myiza. Na we ariko agomba guhora azirikana ko ari ku isi kugira ngo ayitunganye nayo imutunge. Ibyo bimusaba kuba afite ubushobozi bushingiye ku buzima bwiza no ku burere n'uburezi yahawe.
Igikwiye ni uko abantu bose mu mitekerereze yabo inyuranye ariko yuzuzanya, bashyira hamwe mu kwita ku bigomba gukorwa no gushaka ibisubizo by'ibibazo n'inzitizi byagaragajwe. Umusaruro ubonetse ukaba uwa bose nta vangura cyangwa ubwikanyize, ahubwo hagakurikizwa ubutabera n'uburenganzira bwa buri wese.

Ishyaka PDC ririshimira ibimaze kugerwaho bishingiye ku bufatanye bw'imitwe ya politiki by'umwihariko n'abanyarwanda bose muri rusange. Byinshi mu biteganijwe muri gahunda politiki ya PDC ntibishobora kurangira ako kanya ahubwo ni ibikorwa bigomba guhabwa umwanya uhagije. Ishyaka PDC ntiryakwiha porogaramu imeze nk'inzozi, ryirengagije ubushobozi bw'igihugu, uburebure bw'inzira y'amajyambere gifite n'igenamigambi ryacyo. Ishyaka PDC rizaharanira ko ibishobora gukorwa vuba bikorwa, ibisigaye nabyo bigakomeza gushyirwa mu bikorwa hashingiye ku bushobozi bw'Igihugu. Inkunga y'amahanga izakomeza gukenerwa ariko ikaza ishingiye ku igenamigambi ryakozwe n'abenegihugu.

Ibyo byose kugira ngo bigerweho hakenewe amahoro n'umutekano bisesuye, na demokarasi ituma buri wese yisanzura muri byose, akagira uruhare mu miyoborere y'igihugu cye mu bukungu bwacyo no mu buzima bwacyo bwa buri munsi.

Iyi gahunda, Ishyaka PDC rizaharanira ko yubahirizwa mu nzego zose, kandi buri muyoboke wa PDC agomba kuyigira iye akayisobanura bihagije, kugira ngo umubare w'abanyarwanda uyishyigikire ari na cyo kizayiha amahirwe yo gushyirwa mu bikorwa.

Kigali, Werurwe 2013.